

IKINYARWANDA

**IMYANDIKO
MFASHANYIGISHO**

UMWAKA WA KABIRI

Igitabo cy'umunyeshuri



ISHAKIRO

IRIBURIRO	v
SEBWUGUGU N’U MUGORE WE	1
IMVUGAKIMWE (IMPUZANYITO)	6
IMPUZAMVUGO	8
UTUREMAJAMBO TW’IZINAMBONERA RY’IKINYARWANDA	9
IMIGANI MIGUFI N’IMIGANI MIREMIRE	13
UTWATUZO	15
MUDAKENESHA	19
AMAZINA AKOMOKA KU YANDI (IKOMORAZINA MVAZINA)	25
GUSESENGURA AMAZINA AKOMOKA KU YANDI	26
IGIHOZO: NDAKUMVA	27
UBUTINDINDE N’AMASAKU KU MAGAMBO MAREMARE	29
UBURYO BWIFASHISHWA MU KUMENYA AMASAKU	34
IMVUGO IBONEYE N’IMVUGO NYANDAGAZI	43
UBUTINDE N’AMASAKU KU MAGAMBO Y’URUSOBE NO MU NTERURO	44
INTEGUZA Z’AMAGAMBO Y’URUSOBE	46
IHANGAMWANDIKO	50
INSIGAMIGANI	53
IHINAMWANDIKO	55
INSHOBERAMAHANGA	60

IMVUGAKIMWE (IMPUZANYITO) ; IMBUSANE, IMVUGWAKIMWE, IMPUZASHUSHO, INGWIZANYITO, INYITOMBONERA N'INYITOSHUSHO	64
GUCUNGA NEZA UMUTUNGO KAMERE NO KURENGERA IBIDUKIKIJE	72
AMAZINA Y'UMWIMERERE N'AMAZINA Y'AMATIRANO	77
IMIGANI Y'IMIGENURANO	88
IBISANTERA	93
IBINYAZINA	100
UTUREMAJAMBO TW' IKINYAZINA NYEREKA	102
IBINYAZINA NGENGA N' IBINYAZINA NGENERA	109
UTUREMAJAMBO TW'IKINYAZINA NGENGA N'IKINYAZINA NGENERA	114
URWENYA	117
UKWIHANGANA	119
IKINYAZINA NGENERA-NGENGA.	122
ITONDAGUNSHINGA.	124
IMVUGO IBONEYE N'IY'URUFEFEKO	136

IRIBURIRO

U rurimi rw'ikinyarwanda rufite uruhare runini mu mibereho ya buri muni y'abanyarwanda, nirwo rurimi ruha abanyarwanda ubushobozi bwo kuranga isi, kugaragaza imbamutima, gushyikirana baganira, bungurana ibitekerezo, bahanahana amakuru.

Ururimi rw'ikinyarwanda kandi rifite uruhare rukomeye mu kuranga umunyarwanda wihesha agaciro akomeye ku muco we kandi atisuzugura. KUMVA NO GUSOBANUKIRWA IKINYARWANDA ni zimwe mu ngamba zo kurinda umuco nyarwanda ngo hatwo imico y'amahanga itawumira. Kwigisha ikinyarwanda bihamye rero ni ugushimangira uwo muco.

Iki gitabo kigenewe umunyeshuri wiga mu mwaka wa kabiri w'icyiciro rusange, cy'amashuri yisumbuye. Kirimo imyandiko n'ikibonezamvugo bijyanye n'integanya nyigisho yo muri Mata 2007.

Iyo nteganyanyigisho ifite intego yo gufasha umunyeshuri gushimangira ubunyarwanda ashyikirizwa ibyo abakurambere bahanze bakabisigira umunyarwanda wese ho umurage. Bityo akiga ikinyarwanda nibyo kibumbatiye: uko giteye, ubugeni bukirimo, umuco n'imyumvire y'abanyarwanda; akagicengera, ari mu miterere yacyo ari no mu bwiza bwacyo: uko cyemerera ukivuga gutaka imvugo ye. Agahabwa ubushobozi bwo kwirinda kumirwa n'amahanga, ibyiza agisangamo akabyamamaza, ibyo anenga akabikosora, akagikungahaza ngo gihangane n'iterambere isi ihorana.

Imyandiko iri muri iki gitabo yibanda ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- ❖ Kwita ku bidukikije
- ❖ Kwirinda indwara z'ibyorezo nka SIDA
- ❖ Kurwanya ibiyobyabwenge
- ❖ Uburinganire
- ❖ Gukunda igihugu no kwimakaza umuco w'amahoro



❖ Uburenganzira bwa muntu muri rusange n'ubw'umwana by'umwihariko

Iyi myandiko ikazafasha abanyeshuri kwiungura ubumenyi mu rurimi rw'abakurambere bacu.

Muri iki gitabo harimo n'ikibonezamvugo kizafasha abanyeshuri gusobanukirwa neza imiterere, imivugire n'imyandikire y'ikinyarwanda.

Dushimiye abagize uruhare bose mu itegurwa ry'iki gitabo

SEBWUGUGU N'U MUGORE WE




Kera habayeho umugabo akitwa Sebwugugu. Ashaka umugore barabana. Bukeye mu gihugu hatara amapfa, abantu barasuhuka, ibintu biradogera. Umunsi umwe, umugore wa Sebwugugu azenguruka areba ko yabona icyo barya, agera ahantu hari urutare rwarimo umwobo wavagamo amashaza. Ahatega icyibo, amashaza agenda agwamo buhoro buhoro, asubiyeyo ku mugoroba asanga cya cyibo cyuzuye. Arayazana, arayateka, igihe Sebwugugu atahukiye yihebye, abona umugore we azanye ibyo kurya ku meza. Sebwugugu aratangara cyane, abaza umugore we ati” Aya mashaza wayakuye he mugore mwiza?” Umugore aramusubiza ati” Nagiye mu gihuru ngira ngo ndebe ko nabona icyo umuntu yarya, ngera ahantu hari urutare rurimo umwobo uvamo udushaza duke duke. Nsizeyo icyibo ngo nze kureba, nsubiyeyo nsanga cyuzuye; nuko ndaza ndateka, none mugabo mwiza ngaho rya wijute, Imana yatwibutse nitugipfuye. ” Sebwugugu ararya, arahaga, mu gitondo umugore we asubirayo, na none bigenda kwa kundi. Hashize icyumweru ariko bikimeze, Sebwugugu abonye umugore agiye kujya kuri


rwa rutare, aramubwira, ati” Reka tuyane” Umugore aramusubiza ati “Ngwino tugende”

Bagezeyo, Sebwegugu abona ko amashaza ava mu mwobo wo muri rwa rutare ari make cyane, maze abwira umugore we ati” Aya mashaza araza buhoro cyane none reka ncanire umuhunda w’icumu ngaze aka kobo bityo amashaza yiyongere, twere kujya tumara umunsi wose dutegereje. ” Umugore aramucyaha ati” Kandi Sebwegugu uzikura n’aho wari uri! Urajya kongera uyu mwobo uzi ari nde wawucukuye muri uru rutare?” Sebwegugu aramukankamira cyane ati“Umva mbese uko abagore mwabaye!” Acana umuriro, umuze kuba inkekwe, arambikamo umuhunda w’icumu rye aracanira riraturukura. Arishinga muri wa mwobo wavagamo amashaza ngo arawagura, arangije arigendera. Bukeye, umugore wa Sebwegugu ngo aje kureba, asanga mu mwobo haravamo amashaza yabaye umukara, yashiririyeye kubera umuriro. Umugore asubiraye amara masa, agenda yibwira ati” Uyu si umugabo nashatse ni urwandiko. Nari nkize inzara none ubukorikori bwe bunkozeho. Ntacyo ariko nawe ntiyiretse.» Umugore ageze mu rugo ntiyagira icyo abwira umugabo we, ahambira ibyangushye, afata inzira agenda atazi iyo aya. Ageze ahantu mu itongo ahasanga uruyuzi. Agiye gusoroma imboga abona rufite ibihaza. Aca ibihaza, arateka ararya, aranezerwa, ati» umugabo yari ankozeho none Imana ikinze ukuboko. Hashizi iminsi itatu Sebwegugu atabona umugore we, afata inzira aya kumushaka. Agenda iminsi itatu, amugeraho ku gicamunsi. Umugore amubonye arishima cyane, aramugaburira kuko yabonaga yenda kunogoka n’inzara. Sebwegugu aguma aho n’umugore birira ibihaza. Umunsi umwe Sebwegugu yitegereje rwa ruyuzi abona ko rugiyeye kurengerwa n’ibyatsi ni ko kubwira umugore ati» Dore nirirwa nicaye hano nta kintu nkora, none reka ntemere uru ruyuzi ruve mu gihuru. Ese uwarusanga mu gihuru ari rwo rudutunze yavugaga ko tumaze iki?» Hahaguruka Sebwegugu, nta kumva inama z’umugore, aragenda atemera uruyuzi, arangije arataha. Abwira umugore ati» Ntubona noneho ko uruyuzi rusa neza kuko rutemewe! Nawe uzajya uca ibihaza ahantu hagaragara.» Ngo hashire iminsi ibiri, uruyuzi rutangira kuraba. Sebwegugu arutemera yari yarutemye imizi. Mu cyumweru kimwe gusa uruyuzi rwari rwumye. Umugore abuze uko abigira, arongera arahambira ahunga umugabo we. Aza kugera ahantu hari i bwami ariko asanga nta muntu uhatuye. Abaturage b’aho benshi bari barahunze

kubera igikoko gikaze cyari cyarariye bene wabo. (Ishusho No 2 y'umugore yinjira mu nzu)



Uwo mugore yasanze amagufwa menshi y'abantu icyo gikoko cyari cyarariye. Abonye ayo magufwa arabyibwira, ariko kubera inzara, yinjira mu mazu, asanga ibyo kurya biruzuye, arateka ararya, bwije yurira ku rusenge yigumiraye, Igicuku kinishye cya gikoko kiza cyikoreye intumbi y'umuntu cyishe. ishusho no 3: igikoko cyinjira mu nzu



Kinjira mu nzu kirinukiriza kiti» Uh... aha haranuka urunturuntu. Ni nde uri aha ngo anture? «Umugore aracyumva arinumira, Kirya ya ntumbi cyari kizanye, kirasinzira kiragona, mu rukerera gifata inzira kijya guhiga abandi bantu. Umugore wa Sebwegugu abonye gahunda zacyo aribwira ati: Aha ho nzahaba. icya mbere nsabwa ni ukwitonda.» Ku muni ukurikiyeho nabwo bigenda kwa kundi. Hashize ukwezi Sebwegugu azenguruka imihanda yose, arashyira agera aho umugore we yamuhungiyeye. Umugore amubonye aramubwira ati» Dore ko ushyuhaguzwa ugakabya, aha nahasanze igikoko cyamaze abantu abandi barahunga. None rero kiza nijoro cyikoreye intumbi z'abantu kiba cyishe. Bisaba rero kwitonda, dore ndara ku rusenge cyamara kugenda nkamanuka, nategura ibyo kurya, nabirangiza nkisubirirayo. Sebwegugu ahamaze iminsi itatu yumva biramurambiye guhora yihishe icyo gisimba, nuko aravuga ati» Ngiye gutyaza ishoka yanjye, maze nikiza turarebana. Umugore aramubuza undi aranga. Sebwegugu atyaza ishoka ye, ayurirana ku rusenge, araturama, ategereza cya gikoko. Ngo kize, kirongera kiravuga kiti: «aha haranuka urunturuntu. Ni nde wantura?» Sebwegugu aragisubiza ati «Ndaje ngutur». Agize ngo aramanura akaguru yururuka urusenge, igikoko kimusamira mu kirere, kiramurya. Kimaze kumurya kiravuga kiti «Nta kuntu uyu mugabo yaba yari wenyine. Nyuma yo kumurya reka nshake umugore we nawe murye.» Kizamura amaguru y'imbere kiyaganisha ku rusenge gishakisha wa mugore. Umugore abonye ko ibye birangiye ashirika ubwoba, arihanukira, agikubita ya ntorezo umugabo we yari yatyaje mu mutwe. Igikoko kimanuka nk'ibuye no hasi ngo "pi". Umugore wa Sebwegugu abibonye, aramanuka, afata ingoma ahamagara abaturage n'umwami wabo abamenyesha ko yishe cya gikoko cyari cyaratumye bahunga. Abaturage bahageze batangarira ubutwari bw'uwo mugore, umwami amugororera amashyo n'imisozi, nuko aramurongora kuko abandi bagore be icyo gikoko cyari cyarabariye.

KUMVA UMWANDIKO

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
3. Ni iki cyatangaje Sebwegugu abonye umugore we aamuzaniye ibyo kurya?

4. Kuki umugore wa Sebwigugu atashakaga ko umugabo we yongera umwobo?
5. Umugore wa Sebwigugu byamugendekeye bite afashe inzira yerekeza iyo atazi?
6. Ni iki cyatumye uruyuzi rwuma?
7. Igikoko cyaryaga abantu cyapfuye gute?
8. Ni inde wagaruye umwami n'abaturage bari barahunze mu byabo?

INYUNGURAMAGAMBO

Sobanura aya magambo:

1. Biradogera
2. Aramucyaha
3. Umuhunda
4. Amashyo
5. Igicamunsi
6. Itongo
7. Inkekwe
8. Arinumira

IMVUGAKIMWE N'IMBUSANE

IMVUGAKIMWE (IMPUZANYITO)

Ni ugusobanura kimwe kw'amagambo adateye kimwe. imvugakimwe ni amagambo afite ibisobanuro bimwe ku buryo ufashe ijambo rimwe ukarisimbuza irindi igitekerezo ushaka kugeza ku bantu kidahinduka.

Ingero:

- Umwari mwiza = Umukobwa mwiza
- Kaneza arijuse = Arahaze
- Umusaza = Umukambwe
- Amagara = Ubuzima
- Kwitaba imana = Gupfa

Hari amagambo agira impuzanyito irenze imwe;

Ingero:

- Ishoka, indyabiti, intorezo, indyankwi, imarabiti,
- Kurya; gufungura, kwica isari, kwegera ameza, gukora ku munwa, kuringanira n'ameza,
- Gupfa; kwitaba imana, gutaha, gutabaruka, kwigendera, gusinzira
- Urukiza; urukebano, uruho

Ushobora kubona impuzanyito nyazo z'amagambo asanzwe n'amatirano.

Ingero: umukuru w'igihugu: Perezida

Umuyobozi w'akarere: Meya

Imvugakimwe zishingira ku masano nyanyito amagambo aba afitanye.

IMBUSANE

Imbusane ni amagambo afite inyito zinyuranye. Imbusane ishobora kuba ijambo cyangwa urujyano rw'amagambo.

Ingero:

hepfo ≠ haruguru

hasi ≠ hejuru

muto ≠ munini

umugore ≠ umugabo

kigufi ≠ kirekire

hamanuka ≠ hazamuka

hafi ≠ kure

ukize ≠ ukennye

iburyo ≠ ibumoso

imbere ≠ inyuma

kuryama ≠ kubyuka

urukundo ≠ urwango

ubushyuhe ≠ ubukonje

kwishyura ≠ kwambura

ibyiza ≠ ibibi

urakaye ≠ uwishimye

umukobwa ≠ umuhungu

sebukwe ≠ nyirabukwe

IMPUZAMVUGO

mvugwakimwe ni amagambo yandikwa kimwe, asomwa kimwe ariko ntagire igisobanuro kimwe.

- Gusama = Gutwara inda
- Gufata ikintu bakunagiye
- Gutera = Kugaba igitero, umupira, ibiti, amagi
- Guteranya = Imibare, abantu
- Kwarika = Amazi y'ubugari, inyoni zikora aho ziba
- Gutanga = Guha umuntu ikintu, gupfa k'umwami
- Guca = Umugani, kunyura ahantu

UTUREMAJAMBO TW'IZINAMBONERA RY'IKINYARWANDA

izina mbonera ry'ikinyarwanda ni izina rifite intego ikurikira; indomo, indanganteko n'igicumbi.

INDOMO (D)

Indomo ni akaremajambo gatangira izina cyangwa irindi jambo ririsimbura, kagatuma ijambo bijyanye rigira inyito rusange. Mu kinyarwanda, inyajwi zitangira zishobora kuba indomo ni eshatu gusa arizo: a, i, u

Ingero:

- Amata
- Imitako
- Umusore

Indomo a ikoreshwa ya 2, 6, 12, na 16

Ingero: abaturage (nt. 2)
Amase (nt. 6)
Akebo (nt. 12)
ahantu (nt. 16)

indomo i ikoreshwa mu nteko ya 4, 5, 7, 8, 9 na 10

Ingero: imisoro (nt. 4)
iryinyo (nt. 5)
ikigori (nt. 7)
ibijumba (nt. 8)

inka (nt. 9)

inzuzi (nt. 10)

Indomo u ikoreshwa mu nteko ya 1, 3, 11, 13, 14, na 15.

Ingero:

- Umutabazi (nt. 1)
- umusozi (nt. 3)
- urudodo (nt. 11)
- utugari (nt. 13)
- ubusa (nt. 14)
- ukuboko (nt. 15)

Indomo iboneka hakoreshejwe ijambo nta buri nde n'indangahantu ku cyangwa mu imbere y'izina, cyangwa ukoresheje akajambo kabaza ki inyuma y'izina.

Ingero:

- nta mugabo uhari.
- Buri mugabo arahari.
- Mu ntebe hari ibitabo.
- Ku mabuye aconze.
- Ni ntebe ki mwaguze?

Icyitonderwa:

Indomo ishobora kudakora uko isanzwe. Iyo ibanziriza amazina yo mu nteko ya 5, 9, na 10 ntifatwa nk'indomo kuberako idahungurwa n'inda n'indangahantu ku cyangwa mu. Icyo gihe ifatwa nk'indanganteko.

Indomo y'ayo mazina yandikwa hakoreshejwe akamenyetso Ø

Ingero:

- Mu ishyamba (nt. 5)
- Ku isha (nt. 9, 10)
- Mu ishuri (nt. 5)

INDANGANTEKO (RT)

Indanganteko yerekana inteko izina ririmo, inashingirwaho intego y'uturamajambo dusanisha. Ni igice gisigara hagati y'indomo n'igicumbi.

Ingero: amatama, umusore, ikiraro.

Indomo (D)	Indanganteko (RT)	Igicumbi (C)
A	Ma	Tama
U	Mu	Sore
I	Ki	Raro

IGICUMBI (C)

Igicumbi ni igice cy'izina kidahinduka kiboneka iyo ubanje kugoragoza ugashyira mu bumwe cyangwa mu bwinshi, ugatubya cyangwa ugatubura izina ukareba igice kidahinduka.

Kugoragoza ni ugusimburanya ibice by'ijambo ushaka kureba ibice bisa bishobora gusimburana n'ibice bidahinduka mu ijambo.

Ingero:

Umutobe umusore

Abasore igisore

Imitobe agasore

Ibitobe urusore

Agatobe udusore

Ubutobe ubusore

Urutobe

Udutobe

Igicumbi kibanwirizwa n'inyajwi, ingombajwi cyangwa inyerera. Gishobora kuba mu nteko imwe cyangwa nyinshi.

Ingero:

I –mi-tobe (ingombajwi)

u-mu-ana (inyajwi)

a-ma-yeri (inyerera)

IMIGANI MIGUFI N'IMIGANI MIREMIRE

Mu mateka yabo, Abanyarwanda bakunze kwiambaza ururimi rwabo, bararukungahaza, bakoresheje ubuvanganzo buhanitse. Muri ubwo buvanganzo twavugamo nk'ibisigo, ibyvugo, amahamba, amazina y'inka, imyoma, amahigi, inanga, ibihozo, ibyishongoro, amagorane, ibisakuzo, imigani miremire, imigenurano, insigamigani n'ibindi.

Umugani muremure

Umugani muremure ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda ivuga inkuru itarabayeho, akenshi igashyira mu ruhando abanyarubuga bafite ingufu z'indengakamere ikoresheje ikabya. Iyi nkuru ntawe uba uzi inkomoko yayo. Imimaro y'ingenzi y'umugani muremure ni ugushimisha abantu, kubigisha gukora cyangwa kudakora nk'umunyarubuga uyu n'uyu, no gutoza abato kumenya kuvuga neza bashyize ibitekerezo byabo ku murongo. Urugero rw'umugani muremure: Umukobwa wo mu gisabo.

Umugani mugufi cyangwa umugenurano

Nk'uko tubisanga mu Birari by'insigamigani Umugani ubwawo ni umwanzuro w'amarenga y'intekerezo. Umugenurano ntawe uba azi uwawuciye. Umumaro wawo ni ukwigisha abantu kwitwara mu buryo ubu n'ubu. Urugero: Utazi ubwenge ashima ubwe.

Ariko kandi hari ubwo umugenurano uba ufite inkomoko izwi, ni ukuvuga uwo waturutseho, icyo gihe witwa insigamigani. Insigamigani ni izina ry'inyunge rigizwe n'amagambo abiri: gusiga n'umugani:

- Insigamigani bisobanura amagambo bibukiraho umuntu kubera ibikorwa bye byiza cyangwa bibi.

Ingeri z'insigamigani

Insigamigani zirimo ingeri ebyiri: insigamigani ny'irizina n'insigamigani nyitiriro.

Insigamigani ny'irizina

Insigamigani ny'irizina ni abantu bazwi neza ku buryo rubanda bemeye kwigana imigirire yabo mu mvugo yaburi gihe, bigahinduka inyigisho y'ihame. Abo bantu barimo ibice bibiri: abagenuzi b'insigamigani, ni ukuvuga abazivuze. Nka Yuhi Gahindiro wagize ati: «Akimuhana kaza imvura ihise» Na Mpongo ati: «Genda mpongo urashaje.»

Insigamigani nyitiriro

Ni ibindi bintu bitari abantu bagenuriyeh bakabigira iciro ry'migani. Nk'inyombya ku itongo rya Rugaju iti: «Mbateye akari aha.» Insigamigani ni ijamba rikoreshwa ku buryo bubiri: hari uwo wakomotseho n'umugani ubwawo

UTWATUZO

Dore ibimenyetso by'utwatuzo n'imikoreshereze yabyo:

- Akabago (.): gasoza interuro ihamya.

Urugero:

Umwana mwiza yumvira ababyeyi

- Akabazo (?): gasoza interuro ibaza.

Urugero: Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?

- Agatangaro (!): gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

Urugero:

- Mbega ukuntu kino kiyaga ari kini!
- Ni ingwe ni ingwe y'ingore, iyo ngira umuhoro wanjye!
- Uramwishe ntibihagaze, urabe wumva mutima muke wo mu rutiba!
- Ntoye isaro ryiza wee!
- Akitso (,) gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.

Urugero:

Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama za mwarimu.

- Uturegeka (...): dukoreshwa iyo berekana interuro barogoye ironдора ritarangiye, cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije

Urugero:

Mu rugo haba ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru...

Baragenda ngo bagereb ku Ruyenzi bahahurira na mwene...simuvuze nz amuvumba!

- Utubago tubiri (:) dukoreshwa mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwacyangwa gusobanurwa, ariko ntidukoreshwa inyuma y'ingirwanshinga «ti».

Urugero:

- Burya habaho imirimo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.
- Mariya ati «ibyho uvuze bingirirweho»
- Akabago n'akitso (;): bikoreshwa mu nteruro bagira ngo batandukanye inyangingo ebyeri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

Urugero:

Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni ukwitonda

- Utwuguruzo n'utwugarizo («»): dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itanye n'imvugo isanzwe, cyangwa ingingo igomba kwitabwaho. Utwuguruzo n'utwugarizo dukoreshwa na none iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazinanteruro n'amagambo y'inyunge akabije kuba maremare

Ingero:

Igikeri kirarikocora kiti «kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega»

- Nuko «wa mugore» arakenyera aragenda nk'abandi bagore.
- Ubwo «Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica» aba arahashinze.

Iyo utwuguruzo n' utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro hakoreshwa akuguruzo n'akugarizo kamwe ('... ').

Urugero:

- Umugaba w'ingabo ati «ndashaka ko 'Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica ' aza hano»

Udukubo (): dukikiza amagambo cyangwa ibimenyetso bifite icyo bisobanura cyangwa se icyo byuzuzwa mu nteruro. Banadukoresha iyo bashaka kwerekana uko basoma amagambo y'amavamahanga aruhije gusoma. Badukoresha kandi ku mazina y'ibihugu n'ay'aturere by'amahanga amenyereye kwandikwa uko avugwa mu kinyarwanda, bashaka kwerekana uko asanzwe yandikwa mu ndimi akomokamo.

Ingero:

- Burugumesitiri yabwiye abaturage ko kugira ngo barwanye inzara, bagomba gushoka ibishanga (impeshyi) yabaye ndende kwirirwa banywa bakabifasha hasi.
- Einstein (Enshiteni)
- Schumacher (Shumakeri)
- Fraipont (Ferepo)
- Cadi (Tchad)
- Kameruni (Cameroun)
- Wagadugu (Ouagadougou)
- Akanyerezo (-): gakoreshwa ku kiganiro kugira ngo berekane iyakuranwa ry'amagambo. Gakoreshwa kandi bakata ijamba ritarangiranye n'impera y'umurongo. Banagakoresha kandi imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Ingero:

Mu mvugo y'abasubizanya.

- Wari wagiye he?
- Kwa Migabo.
- Wamusanze iwe?
- Ni ho namusanze.

- mu gukata ijambo mu gihe ritarangiriye ku murongo baritangiriyeho.

Urugero:

Nahuye ihene ku gasozi ndavunika.

- imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

Urugero:

Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo – ntuzantegereze mbere ya saa sita.

- Udusodeko []: dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isobanura amagambo y'undi.

Urugero:

- Yaravuze ati «sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro] keretse narwaye».

MUDAKENESHA

Murezi wese w'indahemuka
Urerera igihugu inyangamugayo
Ari ko uzihundagazaho ubumenyi
Butabonerana ntibunahinyuke

5 Usanzwe witwa NYAMUHILIBONA
Mudakenesha turariguhese.
Shimwa mwungeri utagaramba
Ushora ahiye ntarumanze
Uri umubyeyi ubonera abo urera

10 Gumya ubavurire ubujijuke
Utabagerurira igise cyabwo
Unagenzura uko babuyora
Umunezero uhore ugusaba.
Imihigo yawe uko nayisanze

15 Isegeka myinshi muy'imbonera
Uzira ubugugu ugira urugwiro
Ashwi nta huriro n'ibishagasha.
Mugumyamabanga udahora mu rushya
Ishyaka Rugaba yagusendereje

- 20 Uhora urigaburira u Rwanda rw'ejo.
Dore ururereramo ingabo z'intwaza
Zigatabarukana imidende
Zivuga imyato yawe itimba.
Kuko wazigabye unazigaburira.
- 25 Erega n'iyoyacyuye igihe
Imihayo yawe ntita itoto
Incuke navugaga zigutaka
Ishyerezo ziza gutitiba
Inkoni waziragije ya kibyeyi
- 30 Ubwo ikakirwa na bene ibakwe.
Imyuga uko yakabaye
Ubukorikori bwose
Ibyo ni ijuru ryawe.
Umuhinzi uramunyuze
35. Umworozi arakurahira
Umucuruzi umudereva
Umuvuzi umuganga
Umubaji umufundi
Bombi n'umucuruzi
40. Abahimbyi abahanzi
Weguriye iby'inganzo
Imbumbamutekano

- Abo wananuye ingingo
Leta abo yigombye
45. Ishinze imirimo myinshi
Utagisomesha ibanga
Utajya kuryandikisha
Kuko wamuhumuye
Bose warabaremeye
50. Kandi ntiwabarembye
None ni ko gushima:
Imyama barayiteye
Yikirijwe n'umudiho
Ibicuriro by'intore
55. Umurishyo si ugusuma
Umurya unoze w'inanga
Niwo wabatuye impanda
Urwo rwunge rw'impundu
Zivuzwa n'abahe bawe
60. Isagara ry'abenshi
Bo mu mpugu zose
Ngo akira iyi nganji
Ucyuriweho umunyafu
W'uko ushikurwa ukwawe

65. Bitadohora umwete
Cyangwa se ubwo buhanga
None uhorane ibyambo.
Incungu mafubo tubona
Ushubije ingobyi imugongo
Zihamyako wibyaye
Nizigumane impagarike
(Alufonsi KAMALI)

I. KUMVA UMWANDIKO

- 1) Kuki umuhimbyi yita umurezi mwiza Nyamuhilibona?
- 2) Ese buri Murezi ni Mudakenesha?
- 3) Kubira mu ngingo ebyiri imigenzo myiza dusangana Mudakenesha.
- 4) Kuki Mudakenesha atajya yibagirana?
- 5) Erekena ibice by'ingenzi by'uyu muvugo.

II. INYUNGURAMAGAMBO

Sobanura aya magambo

- | | |
|-------------------------|-------------------------|
| 1) Kudakenesha | 8) Ahiye |
| 2) Guhundazaho ubumenyi | 9) Kurumanza |
| 3) Ntibuhinyuke | 10) Ubonera abo urerera |
| 4) Nyamuhilibona | 11) Kuvubura |
| 5) Guheta | 12) Ubavuburira |
| 6) Umwungeri | 13) Kugerura |
| 7) Kugaramba | 14) Igise |
| | 15) Gusaba |

- | | |
|----------------------|-------------------------------|
| 16) Gusegeka | 35) Inganzo |
| 17) Imbonera | 36) Kwigomba |
| 18) Uzira ubugugu | 37) Kuremera |
| 19) Ugira urugwiro | 38) Kuremba |
| 20) Igishagashaga | 39) Gutera imyama |
| 21) Umugumyabanga | 40) Ibicuriro |
| 22) Guhora mu rushya | 41) Kubatura |
| 23) Rugaba | 42) Impanda |
| 24) Intwaza | 43) Abahe |
| 25) Gutaburuka | 44) Igisagara |
| 26) Imidende | 45) Abeshi |
| 27) Itimba | 46) Inganji |
| 28) Kugaba | 47) Gucyura umunyafu |
| 29) Gucyura igihe | 48) Ushikurwa ukwawe |
| 30) Imihayo | 49) Ibyambo |
| 31) Itoto | 50) Mafubo |
| 32) Gutitiba | 51) Gusubiza ingobyi imugongo |
| 33) Ibakwe | 52) Kwibyara |
| 34) Ijuri | 53) Impagarike |

IMYANDIKIRE: IKATA RY'AMAGAMBO

Inyajwi zisoza ibyungo na, nka kimwe n'izisoza ibigenera n'ijambo nyiri zirakatwa iyo zikurikiwe n'amagambo atangiwe n'inyajwi.

Ingero:

- Wakomerekejwe n'iki?
- Nta cyibyara nk'intare n'ingwe.
- Nyir'ubwenge aruta nyir'uburyo.
- Umubare w'amashuri y'imyuga uriyongera.

Inshinga ni na si kimwe n'izindi nshinga zose n'indangahantu ku na mu ntizikatwa.

Ingero:

- Amasunzu si amasaka
- Abagabo ni imyugariro
- Abana bavuye ku iriba bajya mu ishuri

AMAZINA AKOMOKA KU YANDI (IKOMORAZINA MVAZINA)

Ikomorazina mvazina ni igice cy'ikibonezamvugo gisuzuma inkomoko y'amazina akomoka ku yandi. Ikomorazina mvazina ryibanda ku ihimba ry'amagambo rifatiye ku bicumbi by'andi mazina asanzwe mu rurimi. Rishingiye ku ihindagura ry'indangazina amazina yari asanganywe.

Ingero:

Intore: Sentore

Umuvumbi: semivumbi

Umusaza: sebasaza

Iseminari: museminari

Hari ikomorazina ripfobya; ryongera ku ngingo isanzwe cyangwa kugicumbi cy'izina indi ngingo igaya.

(ubunini bukabije, ubuto bukabije, ubwinshi bukabije...)

Urugero: igitebo, agatebo, urutebo, udutebo, ubutebo....

Hari n'ikomorazina rihimba amagambo cyangwa amazina mashya, ridashingiye ku masano y'ingenzi ayo mazina afitanye n'ayo akomokaho.

Ingero: umuseke: uruseke

Ikirenge: uburenge

Ibuye: urubuye

Umugano: urugano

GUSESENGURA AMAZINA AKOMOKA KU YANDI

Gusesengura amazina akomoka kuyandi ni ukugaragaza uturemajambo twayo cyane cyane ukerekana ibicumbi ayo mazina ahuriraho n'andi mazina asanzwe akomokaho.

Ingero: u-mu-gabo Ba-gabo
U-mu -hire mu- hire

1. Ikomorazina mvazina ni iki?
2. Tanga ingero icumi z'amazina mvazina?
3. Sesengura amazina mvazina akurikira unavuge amazina akomokaho.
 - Sentama
 - Samvura
 - Mugabo
 - Urugano
 - Uburenge
 - Migambi
 - Mihigo
 - Matabaro
 - Sentashya
 - Sayinzoga
 - Mugenzi
 - Muhire
 - Urutiyo

IGIHOZO: NDAKUMVA

Ndakumva mama ihorere none ndakumva,
Wehe mama ihorere none ndakumva.
Yemwe bagenzi mwikirize ndakumva,
ndakumva we, ndakumva igira umubaro,
ndakumva we mama ihorere none ndakumva.
Yee nkubwire utuzina nkunda ndakumva,
Nkubwire utuzina twiza ndakumva,
Abana baritiranwa, hari Kangabe N'ingabire ndakumva,
Hari Butera na Gatera ndakumva, mama ihorere ndakumva.
Yee twa dusozi tw'iwacu ndakumva,
Sebero na Mudende ndakumva,
Mama ihorere none ndakumva.
Nkubwire amazina y'ibiti ndakumva,
Umushyigura n'umugeshi ndakumva,
Mama ihorere none ndakumva ihi...!

Bigirumwami a., ibitekerezo, Nyundo, 1971 urup. 213

Kumva umwandiko

1. Ni nde uvugwa muri uno mwandiko?
2. Tanga ingero z'amazina y'abana avugwa muri uyu mwandiko.

3. Ni iyihe ntero abagenzi basabwe kwikiriza?
4. Ni iki umwanditsi yashatse kugaragaza muri uyu mwandiko?

Inyunguramagambo

1. Igihozo:
2. Baritiranwa
3. Umushyingura
4. Umugeshi

UBUTINDINDE N'AMASAKU KU MAGAMBO MAREMARE

A. UBUTINDE

Inshoza

Iyo tunganira amagambo yose ntituyavuga kumwe; hari ayo usanga tuyatsindagira (tukayatindaho) andi tukayavuga ku buryo bubangutse.

Uko kunimbika cyangwa kubanguka gushingiye ku nyajwi zigize imigemo y'ayo magambo. Inyajwi y'umugemo uyu n'uyu ishobora rero kuba inimitse (itsindagiye) cyangwa se ibangutse. Iryo nimbika n'ibanguka ry'inyajwi rigize imigemo yamagambo niryu ryitwa UBUTINDE.

Mu kugaragaza ubutinde inyajwi ibanguka yandikwa rimwe naho itinda yandikwa inshuro ebyiri.

Inyajwi ibanguka

/a/

/e/

/i/

/o/

/u/

Inyajwi itinda

/aa/

/ee/

/ii/

/oo/

/uu/

UMUGEMO

Umugemo ni ijwi rimwe rihamye risohoka iyo umuntu abumbuye umunwa avuga. Bityo umubare w'imigemo igize ijambo ingana n'inshuro wagiye ubumbura umurwa kugirango uvuge iryo jambo.

Urugero:

- Semuhanuka = se-mu-ha-nu-ka
- Igitaganguriwa = i-gi-ta-ga-ngu-ri-rwa.
- Umutemeri = u-mu-te-me-ri

a) Ingero z'amagambo agizwe n'imigemo ifite inyajwi zibanguka.

- Akanyabugabo
- Urusobekerane
- Imivugire
- Ikibonezamvugo
- Ikibonobono
- Agacurama
- Akanyerezo

b) Ingero z'amagambo agizwe n'imigemo ifite inyajwi zitinda

- Amagaambo
- Umunyeeshuuri
- Nseengiyuumva
- umusaangaanya
- Uryongoyoongo
- Uzaambwiire

c) Igoragoza ribusanya amagambo atandukanyijwe n'ubutinde bw'inyajwi

Ubutinde bw'inyajwi bushobora gutandukanya ijambo n'irindi nyamara ayo magambo ubona ko agizwe n'amajwi shingiro amwe.

Ingero:

- Urutoki (rw' ikiganza) \neq Urutuooki (insina)

- Gutaangira (gukora ikintu bwa mbere) ≠ Gutaangiira (kubuza kugenda)
- Guhaata (gukuraho ibishishwa) ≠ Guhata (gutsindagiramo umuntu ikintu)
- Kugemura (ushyiriye umuntu ifunguro) ≠ Kugeemura (kurandura ingemwe)
- Guhembeembera ≠ Guheembeera (kongera ingufu z'umuriro)

B) AMASAKU

Hari amoko abiri y'amasaku y' ingenzi:

- **Isaku nyesi** (nta kagofero kajya hejuru y'inyajwi)
- **Isaku nyejuru** (rirangwa n' akagofero hejuru y'inyajwi).
- **Isaku nyesi** rijya ku nyajwi ifite ijwi ryo hasi. Biba bimeze bitya: **a, e, i, o, u** (ku nyajwi ibanguka)
- **Isaku nyejuru** rijya ku nyajwi ifite ijwi ryo hejuru. Biba bimeze bitya: **â, ê, î, ô, û** (ku nyajwi ibanguka)

Ingero:

a) Amagambo y'ikinyarwanda adafite ubutinde kandi afite isaku nyesi

- Umugabo
- Umugano
- Umugina
- Umugeni
- Umuheto

b) Ingero z'amagambo y'ikinyarwanda afite umugemo umwe utinda kandi afite amasaku nyesi

- Umugaanda,
- Umukeeka,

- Urubiingo
- Urukuungu,
- Umugaati,
- Kuriimba

c) Ingero z'amagambo afite imigemo ibiri itinda ariko afite amasaku nyesi

- yaataashye, kweegeera, kwaangaara, gufuunguura, ubuvaangaanza, ...

d) Hari n'amagambo afite uruvange (urwunge) rw'amasaku nyesi n'amasaku nyejuru

i) uruvange nyejuru + nyesi

Isaku nyejuru riba riri ku nyajwi ya kabiri muri ebyiri ziranga inyajwi inimitse y'umugemo. Biba bimeze bitya: /aâ/; /eê/; /îî/; /oô/; /uû/

Ingero: Umwâana, Ubwêenge, Ubwâato...

ii) Urwunge nyesi + nyejuru

Isaku nyejuru riba riri ku nyajwi ya kabiri muri ebyiri ziranga inyajwi inimitse y'umugemo. Biba bimeze bitya: /aâ/; /eê/; /îî/; /oô/; /uû/

ingero: Umaâmi, umuhuûngu, umukoôbwa, umutwaâre, ubwuûzu, ubwaânwa...

e) hari n'amasaku y'inyunge.

Kugirango aya masaku aboneke ku buryo bworoshye turifashisha ibimenyetso biteye bitya:

J = Inyajwi ibangaku kandi ifite isaku nyesi

JJ = Inyajwi itinda kandi ifite isaku nyesi

Ĵ = Inyajwi ibanguka kandi ifite isaku nyejuru.

Ingero:

JJ- Ĵ: njeewê, reerô, ngeendê, ngwiinô...

ÊÊ-ÊÊ: Guôondoora; Gukêendeera; Umwîirasi...

J Ê-ÊÊ: Ubiîgeenge, uwiîbaana; umwiîgiisha...

ÊÊ- ÊÊ: Ikigôorigôori, ikiyôngoyôngo, ubuhêendabâana

ÊÊ-J Ê: Uzâansuûre, akâanyaânge, incâarwaâtsi, inshâangaâri...

JÊ- ÊÊ: mweênewâacu, baâragîye, mweênengâango...

Icyitonderwa: Kuri aya magambo tumaze kubona hariyongeraho amagambo afite amasaku ateye atya:

- **Imbêhe, imbâahô, inshîira, intâambwe,**
- **Imbûgita, indôgobê, ingâmiyâ...**

UBURYO BWIFASHISHWA MU KUMENYA AMASAKU

Mu kumenya amasaku hari amagambo fatizo baheraho; bakagenda bagereranya ayo magambo fatizo hamwe n'amagambo atanzwe. Iryo gereranya rifatira ku bicumbi byayo magambo fatizo.

Amagambo fatizo ni aya akurikira

- umugabo, umugina, umuvure, ikigega, igitabo...
- Umugaanda, igiteebo, urubiingo, urwobo, kugeenda...
- umugorê, umugomê, ikiguzî, umutiba, inumâ...
- Umusorê, umutôbe, umusûre, inkîma, isûka...
- Reerô, ngwiinô, ndeebê, mvoomê, nteekê...
- Umwâana, ubwêenge, icyûuma, ibyônnyi, itsîinda...
- Umwaâmi, umwaâri, umwaâte, icyuûgu, icyuûya...
- Imbêehê, injâangwê, indyâankwî, ishôokâ...
- Imbûgitâ, ingârukâ, indôgobe, imfûrukâ, itânurâ

Uburyo bwo kwifashisha ibicumbi

- | | | | |
|-----------------|---------------|---------------|-------------|
| • Gabo | mwâana | mwâana | |
| *uru | yôngo | yôngo | |
| • Mwâana | gabo | gabo | gorê |
| *Sêeru | pyipyi | nyuri | mpyisî |
| • gaanda | mwaâmi | | |
| *Nseengi | yuûmva | | |

• gabo	mwâana	mwâana
*iki	jwâanga	jwâanga
• mwaâmi	mwâna	
*mweêne	wâacu	
• gabo	gaanda	gabo
*ubu	geenda	kanwa
• gabo	sorê	mbêehê
*umu	girâ	nêezâ
• gabo	sôre	gabo
*umu	cûra	guzi
• gabo	mwâana	
*umu	vâandimwê	
	Gorê	
• gabo	sôre	mwâana
*iki	mênya	bôose

• INTEGUZA

Mu kuvuga ijambo ririmo isaku nyejuru umuntu abanza kuzamuka ku nyajwi ibanziriza izo saku nyejuru karemano (ry’ukuri) mbere y’uko agera kuri iryo saku ry’ukuri.

Kubera ko akenshi na kenshi isaku ry’integuza ribanziriza isaku nyejuru karemano; niyompamvu biba ngolbwa ko iry’integuza ritandikwa uretse ko rigaragara kuri MUHUNDWANOTA.

Uko kutarigaragaza cyangwa kutandikwa nibyo bavugako uba ugabanyije ibimenyetso.

Icyitonderwa: N'ubwo buri gihe isaku nyejuru rigira iy'integuza, mu rw'unge nyesi + nyejuru nta nteguza ibaho, haba no kuri muhundwanota ntirigaragara.

Ingero:

- îmvûra (isaku riri kuri û ni isaku ry'ukuri naho iriri kuri î ibanza n'iry'integuza)

Ubwo aho kwandika îmvûra bandika imvûra

- ûhîgânûmugabo (isaku riri kuri û ibanza ni iry'integuza, naho iriri kuri î ni isaku karemano (ry'ukuri). Iriri ku â ni iry'integuza naho iriri kuri kuri û ibanza ni iry'integuza, iriri kuri î ni isaku karemano (ry'ukuri) iriri kuri â ni iryinteguza naho iriri kuri û yo ku mugemo **-nu** ni isaku ry'ukuri. **ubwo aho kwandika ûhîgânûmugabo bandika uhîga nûmugabo**
- îcyêenêwâabo (isaku riri kuri î ibanza ni iry'integuza, iriri kuri ê yo mu mugemo **-cye** ni iry'ukuri, irikurikira ê yo ku mygemo **-ne** ni iry'integuza naho irikurikira â ni iry'ukuri **ubwo aho kwandika îcyêenêwâabo banki icyêenewâabo**
- Umusaângaanya (isaku riri kuri â ya kabiri ku mugemo **-saa** ni iry'ukuri, bityo nta nteguza rigomba kugira kuko ari urwunge nyesi-nyejur)
- Iyo integuza zizirho ziriho ku ijambo runaka ritari kuri muhundwanota, bavugako batagabanyije ibimenyetso.

• MUHUNDWANOTA

Muhundwanota ni igishushyanyo kigizwe n'uturongo tubiri duciye hejuru y'ijambo twerekana imivugirwe y'amajwi agize iryo jambo.

Isaku nyesi ribangutse ryerekanwa n'akarongo kagufi caciyeye hejuru y'inyajwi gakurikiwe n'umurongo wo hasi.

Isaku nyejuru ribangutse rigaragazwa n'akarongo kagufi gaciye hejuru y'inyajwi zakurikijwe umurongo wo hejuru

Isaku ritinda rigaragazwa n'akarongo karekare (ni ukuvuga inshuro ebyiri z'akajya ku isaku nyensi) ako karongo gashyirwa hejuru y'ubutinde bitewe n'uko rivugwa (ni

ukuvuga ko gashobora gushyirwaho gakurikiye umurongo wo hasi cyangwa uwo hejuru

Naho aharimo urwunge nyesi nyejuru, baca akarongo kagufi ku nyajwi ibanza hakurikijwe umurongo wo hasi bagaca n'akandi kagufi ku nyajwi ya kabiri bakurikije umurongo wo hejuru nyuma bakaza kuduhuza bakurikije aho isaku nyejuru rihereye.

INGERO KU YANDI MAGAMBO:

— —	— —
—	—

Igitâgaangurirwâ

— —	— —
—	—

Kunyûnyuuzza

MUHUNDWANOTA ZISHUSHYANIJE ZIZONGERWAMO REBA PAGE 7, 8, 12 z

Imyitozo

1. Garagza ubutinde n'amasaku by'amagambo akurikira unayashyire kuri muhundwanota
 1. Nyiramana
 2. Umucuranzi
 3. Umuvuduko
 4. Ikibonezamvugo
 5. Imyitozo

6. Muhundwanota
7. Kugoragoza
8. Gutambagira
9. Guvugisha
10. Kuryagagura

2. Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku



1. gushirira (mu gitero) \neq (kw' inkon)
2. Guhembera (Kwishyurira) \neq (kongera ingufu z'umuriro)
3. Gutangira (kubuza kugenda) \neq (Gukora ikintu bwa mbere)
4. Kwitwikira (N'umuriro) \neq (ingofero cyangwa umutaka)

II. INKURU ISHUSHYANYIJE

Inshoza:

1. *Inkuru*: Inkuru ni inyandiko umwanditsi yandika ahereye ku byo yiboneye ubwe cyangwa yumvise cyangwa ku byo yihimbiye we ubwe.
2. *Inkuru ishushanyije*: Hari igihe aho kugirango umwanditsi yandike inkuru ihurutuye ayandika ku buryo bushushanyije (Yifashishije amashusho) ; niyo bita inkuru ishushanyije. Agenda yarekana ibikorwa bya buri mukinnyi mu mashusho bigaherekezwa n'amagambo avugwa na buri mukinnyi ku buryo butarondogoye.

Sigaho kwiycisha ibiyobyabwenge









IBIBAZO KU MITERERE Y'UMWANDIKO

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko iri muri iyi nkuru ishushanyije?
2. Umwanditsi arashishikariza urubyiruko iki?
3. Umaze gusoma iyi nkuru hari icyo ikunguye mu mibereho yawe? Niba gihari kivuge.

Umwitoto: kora inkuru ishushanyije kuri imyambarire y'abari 'ubu ni agahomamunwa

IMVUGO IBONEYE N'IMVUGO NYANDAGAZI

Ubusanzwe umuntu ntavuga nta mpamvu ibimuteye. Bityo rero avuga hari ubutumwa ashaka gutanga. Bityo bigatuma ashobora gukoresha imvugo zitandukanye (imwubahisha cyangwa yubahisha uwo abwira). Ibyo bigatuma habaho:

a) IMVUGO IBONEYE: imvugo iboneye hari n'abayita imvugo isukuye. Iyo mvugo ishyira mu magambo yiyubashye, asukuye igitekerezo ashaka kugeza ku bandi.

Ingero: - Uwo bahamagaye yitaba karame

- Uhereje umuntu ikintu akagira ati nimushyikire
- Ubwira umuntu ngo aze kurya aravuga ati “nimuze mufungure cyangwa nimuze ku meza”

b) IMVUGO NYANDAGAZI: Ni imvugo ishyira igitekerezo mu magambo adasukuye, yandagaza nyir'ukuyivuga.

Ingero: -

- hereje umuntu ikintu ikintu at “enda”
- uwo bahamagaye ati “yee” “ni iki?”

Izindi ngero z'imvugo nyandagazi

Imvugo nyandagazi	Imvugo isukuye
- Kunnya	- Kwituma
- Kunyara	- Kwihagarika, kwihherera
- Amabyi	- Umwanda

UBUTINDE N'AMASAKU KU MAGAMBO Y'URUSOBE NO MU NTERURO

a) Ku magambo y'urusobe

Inshoza: **Amazina y'urusobe** iyo bavuga amazina y'urusobe twumva amagambo arangwa no:

- Kuba akunda guhera ku ikomora
- kuba agizwe n'amagambo asanzwe hongewe ho andi

Ingero:- Umurwanashyaka (kurwana + Ishyaka)

- **Icyogajuru** (Koga + ijuru)
- **Ubwirakabiri** (Kwira + kabiri)
- **Imparirwagutebuka** (Guharirwa + gutebuka)
- **Ubugwaneza** (kugwa + Neza)
- **Byimana** (harimo ijamba Imana)
- **Umunyarwanda** (Umuntu ukomoka mu Rwanda)
- **Saatatu** (Saa + igicumbi cy'ibinyazina nyamubaro kibariko)

Gushaka ubutinde n'amasaku byaza magambo ari hejuru ntaho bitaniye no gushaka ubutinde n'amasaku by'amagambo asanzwe. Bivuze inzira ari imwe yo gushaka ubutinde n'amasaku by'ayo magambo y'urusobe n'amagambo asanzwe. Inzira ni yayindi yo kwifashisha amagambo fatizao cyangwa ibicumbi by'amagambo.

1. •gabo	gaanda	gabo
umu	rwaana	shyaka

Bityo umurwanashyaka = umurwaanashyaka

2. **•mugaanda** **gabo**
 icyooga juru
 Bityo: icyogajuru = icyoogajuru
3. **Gabo** **mwâana** **gabo**
 -ama jyâaru guru
4. **Umwâana** **sore**
 ubwîira kâbiri
 Bityo: ubwirakabiri = ubwîirakâbiri
5. **Gabo** **gabo** **gabo** **gaanda**
 impa rirwa gute buuka
 Bityo: imparirwagutebuka = imparirwagutebuuka
6. **Gabo** **mbêehe**
 ubu gwâanêeza
 Bityo: ubugwaneza = ubugwâanêeza
7. **Gabo** **gabo**
 umu nyarwaanda
 Bityo: umunyarwanda = umunyarwaanda

INTEGUZA Z'AMAGAMBO Y'URUSOBE

Integuza ku magambo y'urusobe zishyirwaho nk'uko bisanzwe ku magambo asanzwe. Naho akagaragarira kuri MUHUNDWANOTA kandi nazo (izo nteguza) zikaza ziteguriza isaku nyejuru ry'ukuri.

Ingero:

- Aho kwandika amâjyâaruguru bandika amâjyaruguru
- aho kwandika ubugwâânêeza bandika ubugwâanêeza ariko kuri muhundwanota integuza ziragaragara

Ingero:

1. _____
 - - - - -

Amajyaambere

2. _____
 - - - - -

umurwaanashyaka

3. _____
 - -

Nyagûheeka

4. _____
 - /

Saamunaâni

5. _____
 - - - - -

Nyamûgorê

6. _____
 - - - - -

umunyamuryaango

7. _____
 - - \

Ikiryâakare

8. _____
 - - - - -

Inyooganyoni

9. _____
 - - - - -

amajyêepfô

10. _____
 - - - - -

Ubwîirakâbiri

B. UBUTINDE MU NTERURO

Iyo bashaka ubutinde n’amasaku mu nteruro, hari amagambo amwe ahindura amasaku yayo y’ukuri (kamere, karemano). Ayo magambo akunda guhinduka iyo hakoreshejwe ibyungo cyangwa ikinyazina ngenera giherwa na –a

Ingero:

- | | | | |
|------|---------|----|--------|
| 1. - | Yishwe | na | Mutamu |
| - | Yavunwe | na | Kagabo |

Aha nta hindura ribaho kuko ijambo rikurikira icyungo rifite amasaku yayo karemano ari nyesi kandi akaba atagizwe n’ingombajwi.

- | | | |
|------|---------|-----------|
| 2. – | Umukirê | n’ûmukenê |
| - | Abâaba | b’înkokô |
| - | Umugore | n’ûmugabo |

Aha ihinduka ribaho kuko ijambo rikurikira icyungo ritangiwe n’ inyajwi, bityo inyajwi itangiye ijambo igafata isaku nyejuru.

- | | | | |
|------|-----------|-----|--------|
| 3. – | Avuga | nka | sê |
| - | Ageendana | na | cyûuma |

Aha nta hinduka ribaho kuko amagambo akurikira icyungo afite isaku nyejuru ku mugemo wa mbere.

- | | | | |
|------|---------|-----|---------|
| 4. – | Kameze | nka | gataabo |
| - | Ageenda | nka | Kadoogo |

Aha nta hinduka ribaho kuko amagambo akurikira icyungo afite isaku nyesi ku mugemo ubanza kandi umugemo wa kabiri ukaba utinda.

5. – Ageenda nka Gâpfiizi
 - Ategeka nka Kâmana

Aha ihinduka riraba kuko iyo icyuzuzo gikurikiwe n'ijambo rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri, iryo saku ryimukira ku mugemo wa mbere w'iryo jambo.

6. – Mayaânge na Gîsov
 - Rusaâke na Gîkerî
 - Kibuye na Gîtarama

Aha ihinduka ribaho kuko icyungo gikurikiwe n'ijambo rifite isaku nyejuru ku mugemo wa gatatu, iryo jambo rigira isaku nyejuru ku majwi y'umugemo wa mbere.

7. – Kîno kiraayi giteeye nk'îigî
 - Areba nk'ûmwâanzi

Aha ihinduka ribaho kuko iyo icyungo gikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi kandi rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri, ya nyajwi itangira iryo zina igira ubutinde kandi ikagira n'isaku nyejuru.

Imyitozo:**I. Garagaza ubutinde n'amasaku kuri aya magambo akurikira**

- Ubugwanabi
- Indyankurye
- Imparirwakujijuka
- Umwihanduzacumu

II. Garagaza ubutinde n'amasaku kuri izi nteruro

- Umuti wo kunywa.
- Inka y'inyambo.
- Amavu n'amavuko.
- Areba nk'urwaye.
- Ihene, intama, ingurube n'imbwa.

IHANGAMWANDIKO

Iyo tuvuze ihangamwandiko twumvamo amagambo abiri: **1) Guhanga**

2) Umwandiko.

Guhanga umwandiko bivuze guhimba umwandiko mu kinyarwanda aho umuhanzi ageza ku bandi akamuri ku mutima ariko yabanje kubitekerezaho neza.

Guhimba umwandiko ntibikorwa mu cyuka kuko umwanditsi yandika iyo hari impamvu ibimuteye cyangwa hari icyo ashaka kugeza ku bandi.

Inyandiko iryoha bitewe n'icyanditsemo cyangwa bitewe n'icyeshamvugo yakoresheje. Bityo uwagenewe iyo nyandiko akanyurwa cyangwa akaryoherwa n'iyonyandiko.

A. MBERE YO GUHIMBA UMWANDIKO

Hari ibintu byinshi umuhanzi agomba kubanza gukora mbere yo guhimba umwandiko:

- Kujya mu nganzo
- Kunguka ibitekerezo
- Gushaka ingingo z'ingenzi
- Guhitamo amagambo yabugenewe, anoze, anyuze ubwenge, agaragaza neza akari ku mutima.

Muri make mbere yo guhimba ugomba kubanza gusobanukirwa neza n'umutwe uhaweho umurimo, ukareba niba hari icyo ugomba kongeraho cyangwa gukuraho

B. KWANDIKA

Umwanditsi ashyira kuri gahunda ibyo yakusanyije, akandika akurikije:

- 1) Interuro: Aho umuntu avuga muri make icyamuzinduye agaragaza intego ye mu rwego rwo gutera amatsiko abasomyi cyangwa abamwumva.
- 2) Igihimba: Ni igice cy'ingenzi cy'umwandiko kigizwe n'ikoraniro ry'ibika ribumbatiye ingingo z'ingenzi zinyuranye. Muri icyo gice umuntu asobanura ku buryo burambuye ibyavuzwe mu nteruro.
- 3) Umwanzuro cyangwa umusozo: Umuntu avuga muri make ibyavuzwe mu nteruro no mu gihimba.

Mu kwandika kandi umwanditsi yita ku bika.

- **Gukora ibika**

Gukora ibika ushyira ahagaragara ibitekerezo wiyumvamo bihuje n'insanganyamatsiko imwe, bityo bigatuma umusomyi bimworohera gutandukanya ibitekerezo binuranye by'umwandiko.

- **Uko bikorwa**

Igika kigizwe n'interuro nyinshi. Kubaka igika rero ni ugukurikiranya interuro kuburyo interuro y'igika igaragaza igitekerezo cyacyo. Kubaka igika bikorwa mu buryo bwinshi: - Bishobora gutangirwa n'ingingo y'ingenzi hanyuma ikagenda isobanurwa buhoro buhoro.

- Gishobora gutangirwa n'ikibazo gikurikiwe n'igisubizo cyacyo
- Gishobora gutangirwa n'ingero kigasozwa n'interuro y'ingenzi itanga umwanzuro w'izo ngero zatanzwe.

- **Akamaro k'ibika**

Ibika bifite akamaro kanini mu guhimba umwandiko. Ibika bituma umwandiko ugira ireme, ukarushaho kuryoha kandi bigatuma usomeka neza.

C) NYUMA YO KWANDIKA

Muri iki gice umwanditsi asubire mu mwandiko we yitonze kuringo arebe niba ibyo yanditse bifite ibisobanuro. Areba kandi niba hari ibyo ashobora gukuramo cyangwa kongeramo kugira ngo urusheho kunoza umwandiko wawe.

Urugero: guhanga agakino gasekeje.

Imyitozo: Hanga umwandiko w'imirongo 20 y'amagambo 8 umwe umwe ukurikije izi nsanganya matsiko.

- a) Akamaro k'umurimo iwacu mu rugo no ku ishuri.
- b) Kubungabunga ibidukikije.

INSIGAMIGANI

Inshoza: Insigamigani ni nk'ibitekerezo bifatiye ku muntu wakoze ikintu cyabaye nk'umugani bakunda kugenda baca, basobanura ibibaye cyangwa ibyo umuntu akoze.

Insigamigani wazigerenya n'imigani migufi ariko zo ziba zifite imvano.

Insigamigani zirimo amoko abiri:

1^o) insigamigani nyir'izina:

Ni insigamigani zivugwamo abantu bazwi neza, igihe bavukiye, aho bari batuye, igihe bapfiriye ku buryo ibyo bakoze rubanda bemera kubyigana bigahinduka inyigisho yo mu buzima bwa buri munsu.

Muri izo nsigamigani harimo:

a) Abagenuzi b'imigani ubwabo: ni ubwabo bayigenuriye.

Ur: Rugaju ati << nguye mu matsa>>.

b) ababaye imvano z'insigamigani: nibo umugani uba warakomotseho.

Urugero:

- yaje nk'iyagatera
- yagiye kwangara
- yarushye uwa kavuna
- yarezwe bajeyi

2^o. INSIGAMIGANI NYITIRIRO:

Ni insigamigani zivugwamo ibintu rubanda bagenderaho bakabigira iciro ry'imigani.

Insigamigani nyitiriro zikunze gufatira ku nyamaswa bakazitwerera amagambo yavuzwe n'umuntu bahishira kubera kubera umwanya afite mu gihugu cyangwa

umuryango akomokamo.

Muri make ni iz'ibindi bintu bigenuriyeho babigira iciro ry'imigani.

Ingero:

- impyisi yaravuze iti << kuvuga ni ugutaruka>>.
- ihene mbi ntuyizirikaho iyawe.
- icyo imbwa yanze bamanika aho ireba.
- igikeri << Ngenze nte n'ibiguruka?>>.

Omwitozo: tanga insigamigani nyirizina eshanu n'insigamigani nyitiriro eshanu.

IHINAMWANDIKO

Ijambo IHINAMWANDIKO rigizwe n'amagambo abiri:

- 1) Guhina
- 2) Umwandiko

Iyo bavuze IHINAMWANDIKO baba bavuze kuvuga muri make ibyavuzwe mu mwandiko wose, uvuga igitekerezo cy'ingenzi kibumbatiye uwo mwandiko wose binyuze mumagambo makeya.

Ihinamwandiko rituma humvikana neza ibyavuzwe mu mwandiko wose. Ihinamwandiko kandi rigaragaza neza ko umusomyi yumvise neza umwandiko.

Guhina umwandiko ugomba kugendera kuri ibi bice bikurikira:

1°) ibice by'umwandiko:

Umuntu agenda atandukanya ibice akurikije igitekerezo runaka ndetse akurikije n'imikarago ibyo bitekerezo bitandukanye bigiye bibonekamo. Muri iki gice umuntu agenda atondeka ibitekerezo ahereye ku mukarago wa 1 kugeza kuwa nyuma ariko avuga igitekerezo cy'ingenzi.

2°) imbata y'umwandiko:

Muri iki gice umuntu amenya aho igitekerezo cyatangiriye.

VIII) UBWOKO BW'AMAGAMBO N'IMIMARO Y'AYO MU NTERURO

Ubwoko bw'amagambo n'umumaro w'amagambo ni ibintu bitandukanye.

Ni ukuvuga ko ubwoko bw'ijambo atariwo mumaro waryo.

A. UBWOKO BW'AMAGAMBO

Iyo bavuze ubwoko bw'amagambo niho tuvugamo niba ijambo ari:

❖ Izina: -rusange cyangwa bwite.

Ur: amazi (izina rusange)

uwimana (izi bwite)

- gakondo cyangwa ry'iritirano.

ur: umukobwa (izi gakondo kandi rusange).

itara (izi ry'itirano kandi rusange).

- ry'urusobe.

Ur: umurwanashyaka (izina rusange, gakondo, ry'urusobe (urujyanonshinga)

❖ Ntera: ur:umwana mwiza

❖ Igisantera:ur: umugabo mbwa

❖ Izi ntera: ur:1oumwenda w'umutuku, 2o umubi si uwanjye.

❖ Ikinyazina (ukuriye amoko y'ibinyazina).

❖ Inshinga: -isanzwe ur:yahinze ibigori.

- nkene (mburabuzi): ingero: ndabona mwese mufite amakayi mwese muzi kwandika.

- ingrwanshinga: ingero:- mugende mubigenze mutso.

Bati <<twese turahari>>.

❖ Ingereranya ur: - agenda kimwe na se.

❖ Icyungo ur: - inka n'ihene

- turaguruka maze tugenda.

❖ Amarangamutima: ur:yoo! Ikamu yanjye nayibagiwe!

❖ Inyigana ur: atera ibuye mukizenga cy'amazi ngo "dumburi".

- ❖ Indangahantu: ur: - abakomoka muri Butamwa
- Yiga ku Gisenyi.
- ❖ Ingera: ur: - akora vuba. (ingera y'uburyo)
 - ingendo z'abakobwa bubu zirasekeje. (ingera y'inshuro)
 - Akora hirya no hino (ingera z'ahantu). Ur: mwese mutabyemera.
- ❖ Impamagazi:ur: Mwese mutabyemera.
- ❖ Utuno ur: Nimugende mudakererwa.

B. UMUMARO W'AMAGAMBO

- ❖ Iyi tuvuze umumaro w'amagambo tuvugamo:
- ❖ Ruhamwa
- ❖ Izingiro ry'interuro (ipfundo ry'ubutumwa).
- ❖ icyuzuzo.
- ❖ Imfutuzi
- ❖ Impuza

A) RUHAMWA

Ni ijambo akenshi ritangira interuro rikagaragaza ukora cyangwa igikora igikorwa.

Ruhamwa ishobora kuba:

- Izina bwite: ur: Kamana akunda kwiga.
- Izina rusange: ur: Abenyeshuri bariga ikinyarwanda.
- Urujyano rw'amazina: Abahungu n' abakobwa bose ni abana.
- Ntera: ur: bake nibo basigaye
- Ikinyazina:ur: - Batatu bakerewe.

- uwo nari natumye yatinze.

NB:

1) Ruhamwa nyinshi zishobora kujyana n'inshinga imwe cyangwa ruhamwa imwe ikagira inshinga nyinshi.

Ingero: - Abanyeshuri n'abarimu bagiye mu mikino.

- Ndayambaje arandika, agasobanura ndetse akabaza.

2) ruhamwa gukurikira inshinga.

Ur: Harya uwakoze gusa.

3) ruhamwa ishobora kuba imbundo.

Ur: - Kuvuga ugutaruka.

- Kutiga biragatsindwa (imbundo iri mu mpakanyi)

B) Ipfundo ry'ubutumwa (izi ry'interuro).

Ipfundo ry'ubutumwa ni ijambo rifite umumaro wo kugaragaza cyangwa kumvikanisha igikorwa cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Ni inshinga.

Urugero:

- imbaraga nke zitera imico myiza. (igikorwa ni zitera; ni inshinga; bityo ni ipfundo ry'ubutumwa).

- ubukene butera ububwa.

C) ICYUZUZU: icyuzuzo ni ijambo rijyana n'inshinga rikuzuzura insobanuro yayo.

Hari icyuzuzo cyitaruye inshinga n'icyuzuzo gihagitse mu nshinga:

-Icyuzuzo cyitaruye inshinga

Ur: -Mwarimu yasobanuriye abanyeshuri.

-umuyobozi w'ikigo yabakoreye inama

-icyuzuzo cyihagitse mu nshinga: kiza mu nshinga hagati.

Ur: -Mwarimu yabasobanuriye (abanyeshuri).

-umuyobozi w'ikigo yayibakoreye (inama).

D) IMFUTUZI: Imfutuzi ni ijamba risobanura neza izina cyangwa inshinga bijyanye.

Ayo magambo ashobora kuba:

a) **ikinyazi:** ur: -wa mwana yasibye.

- Umwana wacu.

b) **Ntera:** ur:-inka nyinshi

c) **inshinga:** ur: umunyeshuri witonda

d) **Ingera:** ur:-yiga neza.

e) **izina:** ur:umugabo mbwa

e) **IMPUZA:** Ni ijamba rihuza amagambo abiri cyangwa inyangingo ebyiri kugirango interuro yuzure kandi isobanuke.

Impuza ishobora kuba ICYUNGO (na, cyangwa) ; ingirwanshinga, indangahantu, cyangwa urujyano rw'amagambo.

Ingero:

- abanyeshuri n'abarimu bari mu mikino.
- Turiga kugirango tumenye.
- baravuga bati<< nimuhindukire>>.

Imyitozo:

Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro.

- a) guhinga no korora ni ingenzi mubuzima.
- b) imfizi ibyara uko ibyagiye.
- c) guhinga kijyambere.

INSHOBERAMAHANGA

A. INSHOBERAMANGA NI IKI?

Itegereze amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro.

1. Wa muhungu yagiye amasigamana baramana
2. Bamwitseho amaguru ayabangira ingata.
3. Wa mukobwa bamubwiye amakosa ye maze arabacika agenda nka nyomberi.
4. Kamali aza biguru aza biguruntege, umugore we nawe si ugutera imvururu karahava!
5. yaje aca igikuba ngo yari apfuye.

Iyo twitegereje amagambo aciyeho akarongo dusanga buri jambo turizi ubwaryo, ariko twareba neza igisobanuro cyayo yose ari hamwe tugasanga asobanura ikindi kintu. Bityo ayo magambo ni inshoberamahanga.

INSHOBERAMAHANGA: inshoberamahanga ni imvugo zikoze ku buryo igisobanuro cyazo cy'ukuri kinyuranye n'ingingo ya mbere y'amagambo ayigize; kuyumva bisaba kuba uri inzobere mu rurimi rw'ikinyarwanda kandi ugasobanukirwa n'ishusho arimo. Bityo ni nk'imvugo ica amarenga kuburyo utazobereye mu rurimi rw'ikinyarwanda atapfa kumva ubusobanuro bw'ayo; kuko amagambo akoze iyo nshoberamahanga asanzwe azwi ariko wasesengura neza ugasanga binyuranye n'ubusobanuro bw'ayomagambo akoze iyo nshoberamahanga.

Ingero z'inshoberamahanga:

- 1) kugenda amasigamana = kugenda wiruka cyane.
- 2) gutera isekuro = kugenda ucumbagira.
- 3) kubyuka mu nkoko = kubyuka kare cyane.

- 4) kuvuna umuheto = gupfusha abana
- 5) kurya iminwa = kubura icyo uvuga.
- 6) kujya ikantarange = kujya kure cyane.
- 7) kuyabangira ingata = kwiruka cyane.
- 8) gukuka umutima = kugira ubwoba.
- 9) gukubita amaso = kurabukwa.
- 10) kurya nk'urongoye imfizi = kurya byinshi cyane.
- 11) atagicira ngo agwe = nta gatege, yashonje cyane kandi yarushe cyane.
- 12) gusasa inzobe = gushira ibintu kumugaragararo mujya inama.
- 13) kuvunira ibiti mumatwi = kudashaka kumva.
- 14) guterera agate mu muriro = kwirengagiza, kudakora ikikureba.
- 15) guterera iyo = kureba.
- 16) kugenda kibuno mpa amaguru = kwiruka cyane.
- 17) kwiraza I nyanza = kwirengagiza.
- 18) gukubita inzu ibipfunsi: gushakisha hose.
- 18) abantu uruvunganzoka = abantu benshi.
- 19) kuryamira ijanja = guhora uri maso.
- 20) kugwa ahashashe = kunezerwa, gutunganirwa, kugera kubintu byiza, ahantu heza.
- 21) guca igikuba = gukabiriza ibintu.
- 22) gushyiraho umusese = kubara inkuru ukongeraho n'ibitaye.
- 23) kwicira isazi mu jisho = kubura ifunguro.
- 24) gukubitwa n'inkuba = kumirwa, kuyoberwa.

- 25) kuraswayo: kuja ahantu ugahita ubanguka, kwikozayo.
- 26) kugwa agacaho = kunanirwa bikabije.
- 27) gutera imboni = kubona vuba na vuba.
- 28) kugubwa gitumo = gutungurwa.
- 29) kugwa ivutu = kumererwa nabi bitewe no guhaga cyane.
- 30) kura inkera = kurara banywa inzoga bukarinda bubakeraho.
- 32) gutera amashyengo = kuganira usetsa.
- 33) kurya akara = kubwira umuntu mu ibanga umunoshya.
- 34) kubariza inkuru ku nkanda = kubariza ikintu aho udashobora kukibona.
- 35) kurwubaka kubugenge = kurwubaka rudafashije, nta ngufu.
- 36) gufata umuntu ku nzira = gusiga umuntu aho yari ari ukigendera (ariko yari ari ho wanyuze).
- 37) gufata inzira = kugenda.
- 38) gutwara umutima w'umuntu = kuba uwo muntu nta wundi atekereza uretse wowe.
- 39) kurwubaka ku mutwe = guhora wimuka utagira i wawe, cyangwa guhora uhunga.
- 40) gukubita impyisi inkoni = gukora ibidasanzwe.
- 41) gupfa agasoni = kugirira umuntu impuhwe.
- 42) gupfusha uruhagaze = kutagirirwa akamaro n'uwagombye kukakugirira.
urugero: nkumwana wawe ntacyo akumariye.
- 43) kuribwa n'imbwa = gukorerwa bibi n'umuntu uri muni yawe (udafashije; utakurusha ingufu)
Urugero: nko gukubitwa n'ikirema kandi kitakurusha ingufu.
- 44) kwitera mu mata nk'isazi = kwivanga mu bitakureba.

- 45) kwigira nyoni nyinshi = kwiyoberana.
- 46) kuza nk'iyagatera = guhubuka, kuza ugakora icyo utateguye.
- 47) gukubita ubusa nka sakabaka = kuburiramo.
- 48) kutamenya icyatsi n'ururo = kumatandukanya icyiza n'ikibi.
- 49) kugwa ishyanga = kugwa hanze y'igihugu cyawe.
- 50) kugenda wikandagira = kugenda ufite ubwoba.

Imyitozo;

I. Shaka inshobera mahanga zawe 10 maze unazisobanure.

II. Sobanura izi nshobera mahanga =

- 1) kuvomera mu rutete =
- 2) kuvuga aya nyirarureshwa =
- 3) kwirahira umuntu =
- 4) yanukaga itababaye =
- 5) kurya nk'urongoye imfizi =

IMVUGAKIMWE (IMPUZANYITO) ; IMBUSANE, IMVUGWAKIMWE, IMPUZASHUSHO, INGWIZANYITO, INYITOMBONERA N'INYITOSHUSHO

A. IMVUGAKIMWE: (impuza nyito) ni amagambo asobanura kimwe, atandikwa kimwe kuburyo iyo uvuze ijamba rimwe ukarisimbuza irindi usanga igisobanuro kitahindutse.

- Ingero:**
- umusaza araje = umukambwe araje.
 - wa muzinga inzuki zavuyemo = wa mutiba inzuki zavuyemo.
 - kanakuze yibarutse abana babiri = kanakuze yabyaye abana babiri.
 - ishoka ntityaye = indyankwi ntityaye
-
- gukubira = gutyaza.
 - gucagagura = gutemagura.
 - gupfa = gutaha, kwitaba Imana, kwigendera, gutabaruka.
 - igikona = ikiyoni.
 - umujinya = uburakari.
 - gutesha = kubuza.
 - kuryama = kuruhuka.
 - kunyara = kwihagarika.
 - kwituma = kujya ku musarane, kunnya.
 - kugonga = gutaka.
 - kureba = kubona.

- uruho = urukebano.
- imbegeti = ingemeri, imironko.
- kurigita = gutebera.
- gucengeza = guhenengeza.
- amagara = ubuzima.

Amagambo y'amatirano n'asanzwe nayo arema impuzanyito.

Ingero:- ingutiya = ijipo.

- umukuru w'intara = guverineri.
- umukuru w'igihugu = perezida.
- umukuru w'akarere = meya.
- umuyobozi w'umurenge = gitifu.

N'inshoberamahanga zishobora kurema impuzanyito.

Ingero: - kugenda amasigamana = kugenda kibuno mpamaguru.

- kurya nk'urongoye imfizi = kurya nk'uwicariye umwobo.

B) IMBUSANE: imbusane ni amagambo afite inyito zitandukanye (zinyuranye).

- Ingero:**
- umukire ≠ umukene
 - kurarira ≠ kuburara
 - muremure ≠ mugufi
 - munini ≠ muto
 - mwiza ≠ mubi
 - vuba ≠ gahoro, buhoro
 - neza ≠ nabi

- gutsinda ≠ gutsindwa
- kuryama ≠ kubyuka
- guhaga ≠ gusonza
- kubumba ≠ kumena
- ubushyuhe ≠ ubukonje
- hanze ≠ imbere
- iburyo ≠ ibumoso
- inyuma ≠ imere
- gukunda ≠ kwanga
- gutera ≠ kurandura
- gukira ≠ gukena
- gushya ≠ gupfuba
- kurakara ≠ kwishima
- kurusha ≠ kurushwa
- kurangura ≠ gucuruza
- gusenya ≠ kubaka

C) IMVUGWAKIMWE: ni amagambo yandikwa kimwe asomwa kimwe ariko adasobanura kimwe.

Ingero:

- ❖ kubika:-kuvuga ko umuntu yapfuye
 - kw'inkoko
- ❖ kwambura:-kutishyura umwenda
 - gukuramo imyenda

- ❖ gukira:-kuva mu bukene
 - indwara
- ❖ gucura:-ibyuma
 - kurya cyane kurusha uwo muri gusangira
- ❖ intara:-urutaro
 - iyoborwa na guverineri
- ❖ inkiko:-umupaka
 - bacira imanza
- ❖ impala:-itorero rya kera ry; abacuranzi
 - igisimba
- ❖ gutinda:-iteme
 - gukererwa
- ❖ gucira:-amacandwe
 - ibicuruzwa (kuvuga igiciro)

D) IMPUZASHUSHO: ni amagambo yandikwa kimwe, ntasomwe kimwe kandi ntasobanure kimwe. kugira ngo utandukanye ayo magambo biragoye iyo Atari mu nteruro.

Ingero:

- 1) - gucikana = gutorokana iby'abandi
 - gucikana = gushiramo umwuka, ugapfa.
- 2) - guhata = gukuraho ibishishwa
 - guhata = gushyiramo umuntu ikitamurimo.
- 3) - umuceri = ikinyampeke barya
 - umuceri = umuheha banyweshaga amata

- 4) - gutuma = kohereza umuntu ahantu kukuzanira ikintu
- gutuma = kw'isazi
- 5) - kuvura = gukiza indwara
- kuvura = kw'amata
- 6) - gutema = ibiti
- gutema = gupfa kw'ibitoki bari kwenga
- 7) - guhisha = inzu
- guhisha = ikintu ngo kitaboneka
- 8) - gushirira = mu gitero
- gushirira = kwinkono
- 9) - ishashi (ikoze muri palasitike)
- ishashi (itungo rikuze rishobora kwima)
- 10) - ikara (bacana)
- ikara (igikorwa cyo gukomera)
- 11) - ikirere (hejuru)
- ikirere (cy'insina)
- 12) - intama (wanyoye nk'amazi, inzoga)
-intama (itungo ryo mu rugo)

E) INGWIZANYITO: ni amagambo afite inyito nyinshi cg ubusobanuro bwinshi.

Ingero:

- Gutera = - umupira
- icumu
- inyoni

- amagi
- ubwoba
- umugeri cg ikofe
- ibiti
- umuti
- inzugi
- ipasi

Gusiga = - irangi

- amavuta
- ivu

Gusoma = - ibitabo

- umuntu
- ikinyobwa
- gusoma impyisi (inshoberamahanga)

Kwakira = - umushyitsi

- kuruhura undi (umuzigo)
- gufata ibyo baguhaye

Gusenga = - Imana

- ikibindi

Inzobe = - inyamaswa

- umuntu ucyeye (ujya gusa n'umuzungu)

a) Inyitombonera: igwizanyito y'inyitombonera ni uburyo bwo kwongera inyito nshya ku ijambo risanzwe. Iyo nyito nshya ikaba ifitanye isano n'iryo jambo itagombye igisobanuro. mbese nta marenga arimo.

Ingero:

- umuseke = - umuheha
- bugiye gucya
- imigozi = - y'ibijumba
- bahambiriza ibintu
- insinga z'umuriro w'amashanyarazi.

b) Inyitomumaro: ni uburyo bwo kongera inyito kw'ijambo habayeho kugereranya ibintu bihuje umumaro. iryo gereranywa rishobora gushingira ku ngero cg indeshyo bahuza imiterere cg imimerere, bagereranya ibihuje umumaro, imigirire cg imyifatire, cg ku mizimizo.

Ingero: *kugereranya ibintu bihuje umumaro

- . Inkingi: - ibiti bifashe igisenge
- kuba ishingiro ry'ikintu (cg ry'umuryango)

Ur: kamanzi niwe nkingi y'umuryango

*kugereranya duhereye kungero cgindeshyo

- . urushishi: - agakoko gato
- muto cyane.

Ur: karoli ni urushishi

- . inzovu: - inyamaswa nini
- umuntu munini

Ur:kamana yarabyibushye, yewe ni inzovu.

*guhuza imiterere cg imimerere

- gukubita amazi = kunywa
- gukubita imyaka = kurya

- umuntu w'urutare:utumwa ibyo abwiwe
- umuntu w'injajwa = utagira ibanga.
- *kugereranya duhereye ku ishusho
- inkono: - ikintu babumba bagatekamo kikaba umukara
 - Marita ni inkono iteka (bivuze ko ari igikara cyane)
- *kugereranya ibihuje imigirire cg imyifatire
- umuntu w'intama = utuje cyane
- umukobwa w'ihene = usamara cyane. ur:usambana cyane
- umuntu w'ingurube = w'igisambo
- *Igereranya rishingiye ku mizimizo/iminozanganzo
- ni mushishe = umuntu unanutse.
- ni gasongo = bashaka kuvuga ko ari mugufi.

Imyitozo

Shaka amagambo yawe bwite:

- a) 5 y'imbusane
- b) 5 y'imvugakimwe
- c) 5 y'imvugwakimwe
- d) 5 y'impuzashusho
- e) 2 y'inyitombonera
- f) 2 y'inyitomumaro rihereye ku igereranya rihuje imigirire cg imyifatire.

GUCUNGA NEZA UMTUNGO KAMERE NO KURENGERA IBIDUKIKIJE

Ishusho no 4: amaterasi y'indinganire afite n'ibiti ku muringoti

Ibidukikije ni urwego rwambukiranya inzego nyinshi kandi rugomba kwitabwaho mu iterambere ry'ubukungu n'iry'imibereho myiza kuko ruri mu nkingi eshatu z'amajyambere arambye. Gucunga neza umutungo kamere w'amazi, ubutaka amashyamba, urusobe rw'ibinyabuzima no kwita ku bidukikije muri rusange niyo nzira nyayo yo kugera ku majyambere arambye ashingiye ku iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage byubahiriza ibidukikije.

Ibidukikije bigizwe n'ibidukikije kamere n'ibidukikije bikomoka ku bikorwa bya muntu. Mu bidukikije kamere harimo ubutaka n'ikuzimu, amazi n'ahantu hahehereye, umwuka, urusobe rw'ibinyabuzima, imisozi n'ibibaya, ahantu nyaburanga n'inyubako kamere. Ibidukikije bikomoka ku bikorwa by'umuntu bijyana n'imituranyirize y'ahantu n'imibereho y'umuntu biragnwa ahanini n'inyubako, imyanda inyuranye n'ibindi bihumanya. Ibidukikije bifite akamaro kanini mu buzima bw'abantu.

Nyamara n'ubwo ibidukikije bifite akamaro kanini mu buzima bwacu, mu gihugu cyacu byugarijwe n'ibibazo byinshi cyane cyane:

- Ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'umusaruro butuma ibidukikije byangirika, ubukene bukiyongera;
- Imikoreshereze mibi y'ubutaka ituruka ku mihingire mibi itajyana no kurwanya isuri ku misoszi ihanamye n'ahandi hose hahingwa;
- Ikendera ry'urusobe rw'ibinyabuzima riterwa n'isenywa ry'indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima, ubushimusi, gutema amashyamba no kwigabiza ahantu hakomeye;
- Igabanuka ry'umutungo w'amazi riterwa no kurimbura amashyamba, gutunganya nabi ibishanga bigatuma amazi atemba nta kiyatangira, amasoko agakama n'ibiyaga bikuma;

- Amazi y'imvura yangiza byinshi kuko nta tekini zo kureka amazi y'imvura ziriho;
- Itemwa rikabije ry'amashyamba kubera ibiti bikoreshwa ahanini mu kubyara ingufu zikoreshwa mu byara ingufu zikoreshwa mu Rwanda hose mu ngo, mu, mu bigo by'amashuri, ibya gisirikare, gereza, inganda z'icyayi, mu mirimo inyuranye y'ubwubatsi n'ubukorikori:
- Ibihumanya ibidukukuje binyuranye bituruka cyane cyane ku myanda iva mu ngo no mu nganda. Aho bacukura amabuye y'agaciro na za kariyer ndetse n'ibyatsi bibi nk'amarebe adasanzwe yibasiye amazi y'imigezi n'ibiyaga byo mu Rwanda n'imigezi hafi ya byose;
- Impanuka n'amakuba bya kamere cyangwa bikomoka ku bikorwa by'abantu, nk'amapfa, imyuzure, iruka ry'ibirunga, inkongi z'umuriro intambara n'ibindi, nabyo bibangamira ibidukikije muri rusange n'ubuzima bw'abantu by'umwihariko;
- Kudaha uruhare ruhagije abari n'abategarugori n'urubyiruko mu bikorwa byo gufata neza ibidukikije no kudaha uruhare rukwiye ibidukikije mu bikorwa byose by'imibereho myinshi y'abaturage n'ubukungu kuko abenshi bahangayikishijwe n' amaramuko cyangwa amaronko batitaye kuri ejo hazaza.

Mu rwego rwo gushakira umuti ibyo bibazo, uyu mwandiko ugamije kugeza kubawusoma bese ibikubiye muri izo politiki, ingamba n'amategeko mu rwego rwo guha buri wese ubumenyi bw'ibanze mu gucunga no gukoresha neza ubutaka, cyane cyane yihatira kuburinda isuri no kwirinda kubupfusha ubusa.

Abazawusoma kandi bazasangamo ibisobanuro birambuye ku bidukikije byo mu gihugu cyacu, uko byifashe muri iki gihe n'ingamba ziriho zo kurushaho kubibungabunga. Harimo nanone inyigisho ku bijyanye no gutera ibiti, kubirinda ibishobora kubyangiza byose no kubikurikirana kugeza bikuze. Umwandiko uratwibutsa kandi ko kwirinda kwangiza amashyamba ya kimeza n'amaterano no gusarura ibiti bikuze ari ihame buri wese agomba guhora azirikana.

Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na za kariyeri bukozwe mu kajagari bwangiza ubutaka, bugakurura isuri, inkangu ku misozi kandi bwanduza amazi y'imigezi.

Ubucuruzi bukorerwa mu bishanga bwangiza urusobe rw'ibinyabuzima, buyobya amazi ahenshi hakareka ibizinga imibu yororokeramo kuko amazi aba atagitemba. Neza kubera ibisimu byacukuwe mu mugezi.

Biragaragar rero ko gucunga neza umutungo kamere no kurengera ibidukikije ari ngombwa. Niyo mpamvu ubufatanye bw'inzego zose za Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, abikorera ku giti cyabo, inzego z'ubuyobozi zegereye abaturage bose muri rusange bukeneye kugirango turengere ibidukikije, duharanira amajyambere arambye n'imibereho myiza y'abaturarwanda.

Isuri ni nyinshi, itwara ubutaka bwinshi, amashyamba aratemwa cyane, inkombe z'ibiyaga n'inkengero z'imigezi zirasenywa kubera ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi, ubwubatsi n'ibindi. Amazi y'imvura arangiza byinshi ku misozi n'aho abantu batuye; ubucukuzi bwa kariyeri butemewe n'amategeko burangiza ubutaka, amashyamba n'ibindi bidukikije.

Guhagarika ibyo bikorwa byangiza umutungo kamere n'ibidukikije bigomba ingufu za buri wese n'ubushobozi mu rwego rwa tekiniki. Uyu mwandiko rero ugamije kongerera ubushobozi uzawusoma kugirango ashobore guhashya isuri, gucunga neza umutungo w'amazi, kurinda no kongera umutungo w'amashyamba, kwamagana no guhagarika ubucukuzi bunyuranye n'amategeko n'ibindi byose byangiza ibidukikije.

Twese hamwe dukomeze turengere ibidukikije, duharanira amajyambere arambye, twiteze imbere, tuzigamira n'abazadukomokaho.

(Minisiteri y'Ubutaka, Amashyamba, Amazi na Mine, gucunga neza umutungo kamere no kurengera ibidukikije, 2005 Imp. 1-3).

IBIBAZO KU MITERE Y'UMWANDIKO

IBIBAZO KU MWANDIKO

1. Kuki ari ngombwa gucunga neza umutungo kamere no kurengera ibidukikije?
2. Ibidukikije bigizwe n'iki?

3. Vuga ibibazo bitanu (5) mu bugarije ibidukikije.
4. Muri iki gihe ibidukikikije byitaweho mu Rwanda. Tanga ingero 5 z'uko byitaweho

IBIBAZO KU MITERERE Y'UMWANDIKO

1. Uyu mwandiko wawushyira mu buhe bwoko bw'imyandiko?
2. Garagaza ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko. (Imbata yawo)
3. Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye muri buri gice?
4. Hina uyu mwandiko mu mironko itarenze 10. (ifashishe amabwiriza ku ihinamwandiko)

Imyitozo ku mwandiko

- I. Gusesengura ibice bigize umwandiko ntekerezo
- II. Guhina umwandiko kuri $\frac{1}{4}$ cyawo

AMABWIRIZA KU IHINAMWANDIKO

Ihinamwandiko rigamije kuvuga ibitekerezo cyangwa ibikorwa bikubuhe mu mwandiko mu nchamake ar nta cyo uhinduyeho. Uhina umwandiko rero afata ibitekerezo by'umwanditsi akabivuga muri make yirinda kongeramo ibitekerezo by bwite. Agomba kubahiriza uburyo ibitekerezo bikurikirana n'uburyo byuzuzanya. Uwandiko nibura uhinwa kuri ($\frac{1}{4}$) cyawo n'ubwo hari aho bashobora kugusaba kujya muni yabyo. No kwirinda kongere iterezo kitari mu mwandiko w'umwimerere.

Mbere yo gutangira umurimo wo guhina umwandiko, banza usome inchuro nyinshi uca akarongo ku bitekerezo cyangwa amagambo y'ingenzi. Nta gice cy'umwandiko uhinwa cyangwa interuro zigomba kugaruka mu mwandiko wahinwe nk'uko zari zanditse. Niba hari agace gato k'umwandiko uhinwa ubona ko ari ngombwa kugasubiramo, gashyire hagati y'utwuguruzo n'utwugarizo. Umwandiko wahinwe ugo mba kwandikwa wose nk'igihimbano cy'umwimerere hadakoreshejwe amagambo ahinnye Ingero: IKI.,)

Irinde gushyira nomero (1, 2, 3) cyangwa utunyerezo (-) ku bika bigize umwandiko uhinnye. Ingingo ziri mu mwandiko wahinnye zigomba kuba zikurikirana neza, kuburyo ibitekerezo birimo byumvikana nta ngorane ku muntu wawusoma atari asanzwe awuzi. Gababanya umwandiko wahinnye mu bika bijyanye n'umubare w'ibitekerezo birimo. Buri gika kigomba kugira ijamba rigitangira, kuburyo rigihuza mu bitekerezo n'igika cyakibanjirije. (ingero: bityo rero, nk'uko tumaze kubivuga haruguru, mukwanzura...)

Guhina umwandiko bitandukanye no kuwuhaho impaka. Ntabwo ugomba kongerarm ibyagushimishije cyangwa ibyo wanenze. Niba urangije guhina umwandiko ongera usome umwandiko wahinwe, uwugereranye n'umwandiko w'umwimere, wuzuze aho ubona ko hari icyo wasimbutse, ukuremo cyangwa uhindure ibyo wongeryemo bitari ngombwa. Irinde kongera kugarura mu mwandiko wahinnye imitwe yo hagati mu mwandiko. Andika noneho umwandiko wawe wirinda amakosa y'imyandikire wubahiriza utwatuzo.

AMAZINA Y'UMWIMERERE N'AMAZINA Y'AMATIRANO

1. Inshoza y'amazina y'umwimerere n'amazina y'amatirano

Amazina y'umwimerere (cg amazina mbonera gakondo):ni amazina asanzwe mu rurimi rw'ikinyarwanda.

Naho amazina y'amatirano ni amazina ururimi rw'ikinyarwanda rukoresha ariko rwarayatiye cg rwahashye mu zindi ndimi mvamahanga.

Ingero:

1) AMAZINA MBONERA GAKONDO

- amazi
- ibiti
- umuvure
- umuriro
- umuntu
- umutwe
- umubyeyi
- umugabo
- umusambi

2) AMAZINA Y'AMATIRANO

Ingero:ishati, ishuri, imodoka, itara, umushoferi.....

- Ishati: rikomoka ku cyongereza"shirt"

- Ishuri: rikomoka ku kidage”schule”
- Imodoka: rikomoka ku cyongereza”motor car”
- Itara: rikomoka ku giswahiri”taa”
- Umushoferi: rikomoka ku gifaransa «chauffeur «
- Igikwasi: rikomoka ku kidage» enkwasi»
- Isakaramentu: rikomoka ku gifaransa»sacrement»
- Repuburika: rikomoka ku gifaransa «republique»
- Ikiringiti: rikomoka ku cyongereza”branket”
- Idorari: “ “ “dollar”
- Meya: “ “ “mayor”
- Indogobe: “ kidage”endongo”
- ipantaro: rikomoka ku gifaransa “pantalon”
- Urupapuro: “ “ “papier”

Hari n’inshinga z’ikinyarwanda zakomotse ku ndimi mvamahanga.

Urugero:

- kwiyeranja: yakomotse ku gifaransa”s’arranger”
- guceza, gukeza: yakomotse kugiswahiri”kucheza”
- guterefona: yakomotse ku gifaransa “telephone”
- gutitiba: yakomotse ku gifaransa “tituber”

Hari n’amazina bwite y’amatirano ariko yinjije mu rurimi rw’ikinyarwanda.

Urugero:

- mupenzi (kupenda): bisobanuye gukunda
- musafiri, safari: bisobanuye mugenzi

NB:1) Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu Kinyarwanda afata intego y'amazina y'ikinyarwanda gakondo. ni ukuvuga ko akenshi afata indomo (D), indanganteko (RT) n'igicumbi (C). Bityo agafata n'inteko. Ariko ibi bishobora ku mazina rusange.

Ingero:

	D	RT	C	Inteko
Ishuri	I	Φ	Shuri	nt5
Imodoka	I	Φ	Modoka	nt9
Umushoferi	U	Mu	Shoferi	nt1
Ikiringiti	I	Ki	Ringiti	nt7
Urupapuro	U	Ru	Papuro	nt11

2) Gutandukanya amazina gakondo n'amazina y'amatirano ntibyoroshye kuko iyo amazina y'amatirano amaze kwinjira mu rurimi rw'ikinyarwanda afata intego y'amazina asanzwe. Bityo icyari kuyagaragazaho umwihariko kigasibangana.

Ikindi ni uko inkomoko yayo (ururimi yakomotsemo) igeraho ikibagirana ndetse no kuba ari amatirano bikibagirana.

Amazina y'ikinyarwanda arimo ingeri 2 z'ifatizo:

- Amazina bwite.
- Amazina rusange.

a) **AMAZINA BWITE:** Ni umuntu kugiti cye, ahantu (ibihugu n'uturere), ikintu ku giti cyacyo bikakiranga bikagitandukanya n'ibindi bintu bihuje ubwoko.

Ingero:

- Bwira Kamana muri abo bagabo aze hano,
 - Imbwa ya Gahigi yitwa KIDOBYA,
 - Nzajya I Kigali kugura imyenda.
- *. Kamana, Gahigi:amazina bwite y'abantu;

- . Kigali:izina bwite ry'ahantu;
- . Kidobya:izina bwite ry'imbwa.

N'amazina y'amezi ni amazina bwite.

Urugero:Mutarama, Werurwe, Gicurasi,

- Amazina bwite atangizwa inyuguti nkuru buri gihe, n'ubwo yaba ari hagati mu nteruro.
- Amazina bwite ntashakirwa intego.

b) AMAZINA RUSANGE:agaragaza icyo umuntu cg ikintu gihuriyeho n'ibindi bihuje ubwoko.

Ingero:

Abagabo, inka, abanyeshuri, umupira, igiti, ishata, ishuri, umwana, ururo, ...

Amazina rusange buri gihe atangizwa inyuguti ntoya uretse iyo atangiye interuro.

UBUMWE N'UBWINSHI BY'AMAZINA RUSANGE

Izina rusange rishobora kuba mu bumwe (rivuga ikintu kitarenze kimwe cg umuntu utarenze umwe) cg rikaba mu bwinshi (rivuga ikintu kirenze kimwe cg umuntu urenze umwe).

Ingero:

Ubumwe	Ubwinsi
Igiti	Ibiti
Ishuri	Amashuri
Umupira	Imipira
Umukobwa	Abakobwa
Umukene	Abakene
Urutoki	Intoki
Icyibo	Ibyibo

NB: Hari amazina avuga ibintu utavugira umubare n’ubwo mu ntego usanga amwe yaba ay’ubwinshi andi akaba ay’ubumwe.

Ingero:

Ahora mu bumwe

- Isuku
- Ituze
- Isuri
- Ijuru
- Isi
- Urubura
- Imvura
- Ipfunwe

Ahora mu bwinshi

- | | |
|-----------|---------------|
| - Ubuntu | - amajyambere |
| - amahoro | - ubumuga |
| - ubwenge | - amazi |
| - ubwiza | - ubuki |
| - isoni | - amata |
| - inzosi | - impuhwe. |

Hari n’amazina agaragaza ubumwe cg ubwinshi iyo ari mu nteruro; yaba atari mu nteruro agatera urujijo.

Ubumwe:-Ihene yaziritswe mu kabande

Ubwinshi:-Ihene zaziritswe mu kabande

Hari n'amazina agira ubwinshi bunyuranye:

Ingero:	ubumwe	ubwinshi
	- inzu	inzu, amazu.
	- ubwato	ubwato, amato.
	- inzira	inzira, amayira.

AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI AJYANA N'AMAZINA RUSANGE

- a + i → e:urugero:amenyo: a-ma-inyo
 a-menyo:a + i → e
 amenyo nt6
- u → w/-j: ur:umwana: u-mu/-ana
 u-mu/-ana:u → w/-j
 umwana nt1
- a → φ/-j: ur: abana: a-ba/-ana
 a-b/-ana:a → φ/-j
 abana nt2 →
- n → m/-b:ur:imbeba: i-n/-beba
 i-m/-beba:n → m/-b
 imbeba: nt9/10
- n → m/-f:ur:imfunguzo: i-n/-funguzo
 i-m/-funguzo:n → m/-f
 imfunguzo nt10

7. $n \rightarrow m/-p:ur:impapuro:$ $i-n/-papuro$
 $i-m/-papuro:n \rightarrow m/-p$
 impapuro nt10
8. $n \rightarrow m/-v:ur:$ $imvura:i-n/-vura$
 $i-m/-vura:n \rightarrow m/-v$
 imvura:nt9 (nt10 oya)
9. $n \rightarrow m/-h:ur:impamba:$ $i-n/-hamba$
 $i-m/-hamba:n \rightarrow m/-h$
 $i-m/-pamba:h \rightarrow p/m-$
 impamba:nt 9/10
10. $n \rightarrow \phi/-ny:inyoni:$ $i-n/-nyoni$
 $i-\phi/-nyoni:n \rightarrow \phi/-ny$
 inyoni nt 9/10
11. $n \rightarrow \phi/-m:ur:imanga:$ $i-n/-manga$
 $i-\phi/-manga:n \rightarrow \phi/-m$
 imanga:nt 9/10
12. $n \rightarrow \phi/-n:ur:inuma:$ $i-n/-numa$
 $i-\phi/-numa:n \rightarrow \phi/-n$
 inuma: nt 9/10
13. $r \rightarrow d/n:ur:indabo:$ $i-n/-rabo$
 $i-n/-dabo:r \rightarrow d/n-$
 indabo nt 10

14. c→sh/n-:ur:inshuro: i-n/-curo
i-n/-shuro:c→sh/n-
inshuro nt 9/10
15. t→ϕ/n-s:ur:insina: i-n/-tsina/m-
i-n/-sina:t→ϕ/n-s
insina nt 9/10
16. p→ϕ/m-f: ur: imfizi: i-n/-pfizi
i-m/-pfizi:n→m/-p
i-m/-fizi:p→ϕ/m-f
imfizi:nt 9/10
17. tj→dj/-gr:ur:uduti: u-tu/-ti
u-du/-ti:tj→dj/-gr
uduti:nt13
18. kj→gj/-gr: ur:igiti: i-ki/-ti
i-gi/-ti:kj→gj/-gr
igiti:nt 7
19. y→z/n-:ur:inzoga: i-n/-yoga
i-n/-zoga:y→z/n-
inzoga nt 9/10.

IRENGAYOBORA

20. Amagambo yo mu nteko ya 10 afata Z Atari asanganywe.
-inzuzi (z'imigezi): i-n/-uzi
i-n/-zuzi
inzuzi nt10

- inzabya: i-n/-abya
i-n/-zabya
inzabya nt 10
- inzugi: i-n/-ugi
i-n/-zugi
inzugi: nt 10
21. Imanza: i-n/-banza
i-m/-banza:n→m/-b
i-m/-anza:b→ϕ/m-z
imanza nt 10
22. h + y→shy:-ubushye: u-bu/-hi-e
u-bu/-hy-e: i→y/-j
u-bu/-shy-e:h + y→shy
ubushye nt 14
- umuhashyi: u-mu/-hah-yi
u-mu/-hashyi:h + y→shy
umuhashyi nt 1
23. c + y→sh: icyishi: i-ki/-ic-yi
i-ky/-ic-yi: i→y/-j
i-cy/-ic-yi:ky→cy mu mvugo; mu myandikire.
i-cy/-ishi: c + y→sh
icyishi nt7.

24. t + y→s: ur: umutesi: u-mu/-tet-yi
 u-mu /-tesi: t + y→s
 umutesi nt1
25. k + y→ts: umutetsi:u-mu/-tek-yi
 u-mu/-tetsi: k + y→ts
 umutetsi nt1
26. z + y→j: umubaji: u- mu/-baz-yi
 u-mubaji: z + y→j
 umubaji nt1
27. i →e/e-cg o-: urwengero: u-ru/- eng-ir-o
 u-rw/-eng-ir-o:u→w/-j
 u-rw/-eng-er-o: i→e/e-
 urwengero. nt11
28. o→w/-j: umunywi: u-mu/-nyo-i
 u-mu/-nyw-l: o→w/-j
 umunywi nt1
29. e→y/-j; n + y→nny: umunnyi: u-mu/-ne-i
 u-mu-ny-l: e→y/-j
 u-mu/-nny-i: n + y→nny
 umunnyi: nt1

NB: uhereye kuri NO 22 ukageza kuri NO 29, aya ni amazina akomoka ku nshinga bityo, intego yayo itandukana n'iyamazina adakomoka ku nshinga. Kuri aya mazina akomoka ku nshinga ntibagoragoza (ngo bayatubye, batubure, basebye, batuke, ---) ahubwo bayashakira igicumbi bifashije inshinga akomokaho.

Imyitozo

I) Muri aya mazina, erekana amazina gakondo n'amazina y'amatirano, aya gakondo n'amazina ndetse n'ijambo yakomotseho) uvuge ururimi yakomotseho.

- | | |
|--------------|-----------|
| a) ikayi | e) ihaho |
| b) uririmi | f) ishuri |
| c) ikabutura | g) amazi |
| d) itabureti | h) gasopo |

II) Garagaza intego, inteko n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo akurikira.

- | | |
|-------------|-------------|
| a) amagambo | f) imfura |
| b) amazi | g) injangwe |
| c) ururabo | h) aborozi |
| d) indoor | i) abantu |
| e) umusyi | j) umutemyi |

IMIGANI Y'IMIGENURANO

Kugenura: ni ukuvuga ikintu ariko ushaka kuvuga ikindi.

Imigani y'imigenurano ni utubango tuvugitse ku buryo bubangutse, tugakoreshwa mu kiganiro, umuntu akavuga ikintu ariko ashaka kuvuga ikindi; utabizi akagirango bigarukiye aho; naho ubizi (umenyereye iyo nganzo) agafindura igitse kuvugwa.

Imigani y'imigenurano ni ubuvanganzo bugaragaramo umuco rusange w'abanyarwa.

Ushatse kwitegereza uburezi n'uburere bw'abana n'imibanire yo mu miryango wabisangamo.

Imigani y'imigenurano kandi ni imvugo yavuzwe n'abandi (abakera) icyo bahereyeho. Niyo mpamvu tugomba kuyisubiramo uko imeze ntacyo duhinduyeho uretse iyo turi gusobanura.

Ingero

1. IMIGANI YEREKEYE UBUREZI SHINGIRO

a) "igiti kigorwa kikiri gito".

Umwana ahabwa uburere atararenga ihaniro (ataraba mukuru ngo yihagarareho).

b) "ihenembi ntuyizirikaho iyawe"

umunyangeso mbi ntumureresha cyangwa umurereho kuko agutoreza umwana wawe ingeso mbi.

c) "utazi agakura abaga umutavu".

Utazi uzaba umugabo ahemukira umwana kandi umwana ariwe Rwanda rw'ejo.

d) “sindera ibuye”.

Umwana ararerwa agakura. Niwe niwe mugabo w’ejo.

e) “imfizi y’intama itega nka se”

umwana warezwe neza ukurikiza imico myiza akura ku babyeyi be. Iyo ari ingeso mbi ntibaca uyu mugani. uwo baca turawubona mumigani yerekeye uburezi gito.

f) “imfura nzima isubira ku izina rya se”.

uwabyaye neza izina rye rihoraho; azungurwa n’ umwana we wamukundiye.

Ninayo mpamvu bavugango iyo umugabo utari we apfuye yibagirana vuba naho umugabo upfuye yari umugabo ahora y’ibukwa. (ntiyibagira).

2. IMIGANI YEREKEYE UBUREZI GITO

a) Inya ni iyamweru

bawuca umwa w’umunyangeso mbi ubikomora ku babyeyi be. Nibwo bagira bati << ni uwase cyangwa ni uwa nyina >>.

Ni kimwe n’imigani ikurikira:

- “ inkanda mbi ibyara inda”
- “inka ya nkoronko igira inkomoko”
- “umugore gito abyara abana gito”
- “imfifi ibyara uko ibyagiye”

b) “umwana apfa mu iterura”.

Iyo umwana adatojwe uburere bwiza akiri muto, ntabutozwa akuze ngo bishoboke; akurana ingeso mbi.

Mbese “igiti kigororwa kikiri gito”

c) “Uwiba ahete aba yigisha uwo mu mugongo”

Ingeso utoje umwana nizo akurana, kuko ni wowe areberaho kandi niwowe afatako ugomba kumubera intangarugero.

Ni kimwe na:

- “uko ureze niko akunera”.
- “urumbije umugore ntarurira abana”.

3. IMIGANI YEREKEYE ABANA GITO ARIKO BATABICA KU BABYEYI BABO.

a) “akaburiye mu isizi ntikaboneka mu isakara”.

Umwana wananiranye kandi agirwa inama akiri muto ntagira igaruriro.

b) ”umubyeyi apfusha ahagaritse (uruhagaze) ”

uwabyaye umwana gito (udashobotse) abura akamaro ke amubwiruye; mbese ageze igihe yagize icyo amumariye.

c) ”umwana wanze kumvira se nanyina yumvira yumvira ijeri”.

Umwana wanze kumvira ababyeyi, ntiyumve inama bamugira yumva izabamushuka kandi zikazamugiraho ingaruka mbi.

d) ”umwana murizi ntakizwa urutozi”.

Umwana urizwa n’ubusa naho n’ukuri ntawe umwitaho. Bagira bati<< niko yabaye>>.

Bivuze ko umuntu w’umunyangeso mbi bimenyerewe na benshi naho yakora icyiza nticyumvikana cyangwa ngo kigaragare.

AKAMARO KO KUMENYA IMIGANI Y’IMIGENURANO

Imigani y’imigenurano ni ingenzi mu muco w’abanyarwa. iyo ushaka kwereka umuntu ko ibyo akora bidakwiye umucira umugani ugirango yikosore agaruke mu nzira areke ingeso ze mbi.

Iyo ushaka kugirira umuntu ibanga mu bandi benshi kugirango akosore imyifatire ye umucira umugani.

Ingero:

a) - “aho ga birenge niwowe ubwirwa”.

- “abwirwa benshi akumva bene yo”.

Iyo migani bayicira umuntu mumarenga bamubwira ko uwo bari kunegura cyangwa cyangwa kuvuga ntawundi ari we.

Imigani y'imigenurano ituma umuntu atekereza cyane, akibuka kandi kandi akamenyera umwitozo wo gusesengura.

Gusesengura imigani y'imigenurano bituma umuntu aba umunyarwanda nyakuri uzi ururimi rwe gakondo.

b) “Agahuru gakomeye kiyima umupfu”.

Bawucira umuntu ugira umushiha, n'uwakamugiriye neza ntatinyuka kumwegera kubera uwo mushiha we.

c) “Agahanga k'umugabo gahuma katavuze”.

Umugabo uwo ariwe wese ntukamusuzugure burya aba afite ubwenge utazi.

d) “Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye”.

Bawuca bashaka kwerekana ko aho uwawe ari utahifuriza ibyago cyangwa ikintu kibi.

e) “Arimo gishegesha ntavura”.

Kugirango uterke amata azavure n'uko wareka agatuza naho uyahojejemo umutozo ntavura ahubwo aracika.

Bawucira bawucira umuntu ufite abamuteranya k'umuyobozi we cyangwa ahandi bagirango berekane koi bye bidashobora gutungana kandi birimo kidobya.

f) “Amage arisha umugabo ikivuzza”.

Ikivuzza ni igihaza gikomeye, babikaga ngo kizavemo imbuto babyitaga kukivuzza.

Kurya icyo gihaza birumvikana ko aria mage mabi cyane.

Bawuca berekana ko uwakennye atanena. Umubabaro cyangwa ubukene bituma umuntu yandavura.

g) << Ibuguma ntisha isibo >>.

Ibuguma ni inka ikuze cyane.

Gushaka isibo: ni kwakundi abashumba birukana inka, inyantege nke icyo gihe irasigara. umuntu w'ubushobozi buke rero icyo akoze agikora cyomboka.

Imyitozo

1. Vuga akamaro ko kumenya imigani y'imigenurano.
2. Tanga imigani yawe bwite eshanu itari iyo wabonye mu ikayi maze unatange ubusobanuro bwayo.

IBISANTERA

bisantera ni amagambo agaragira izina, akazivugaho imitere cg imimerere nka ntera ariko akaba adahujeibicumbi na ntera kandi akaba atisanisha n'izina birikumwe.

INGERO:

- ❖ umuco **karande**
- ❖ Umuryango **mpuzamahanga**
- ❖ Umuco **nyarwanda**
- ❖ Ishuri **nderabarezi**
- ❖ Ikigo **ntangarugero**
- ❖ Umutima **muhanano** ntiwuzura igituza
- ❖ Uburere **mboneragihugu**
- ❖ Isomo **mbonezamubano**
- ❖ Yanyoye **amazi buzi**

Ni ukuvuga ko ibisantera bigira intego yihariye; idahuye niya ntera.

IMYITOZO:

- 1) Tanga ibisantera 5 bitari mu byo wahawe mu ikayi yawe.
- 2) Vuga itandukaniro riri hagati ya ntera n'igisantera.

Tanga ingero kuri buri gice.

AGAKINAMICO: MUVUYE IMBERE

ABAKINNYI:

1. Kabanda
2. Gakuba: se wa Kabanda
3. Kagaju: nyina wa Kabanda
4. Karake: umuturanyi
5. Gatabazi: umuturanyi
6. Mutijima: umwarimu

Igice cya mbere.

(Nimugoroba, Kabanda acyuye inka, aje azirimbira. Gakuba yicaye imuhira, Kagaju ari mu turimo tw'imuhira)

Gakuba: - Mbese umwana ntaracyura ye?

Kagaju: - Maze kohereza mukuru we kumusanganira.

Kabanda: - Mwiriweho?

Gakuba: - Wiriwe sha! Mbe waragiye he?

Kabanda: - Zarishije mu kigarma mu gitondo, zikukana mu mucyamo wa Kavumu

Gakuba: - Utyoo! Cyo tambuka ususuruke. Ariko uwakwinikiza ko nduzi imvura ikubye. Ihangane Kaba, maze uruhukire rimwe.

(Ubwo Gatabazi na Karake baturutse mu marembo.)

Kayonga: - Mwiriwe kwa Gakuba?

Gakuba: - Mwiriwe.

Gatabazi: - Ntacyo mwirije ngo muduhe?

- Kagaju: - Ngaho turakora. (Baze baramukanye; babahe icyicaro, batangire kuganira.)
- Gakuba: - Mbese muraturuka he iki gihe?
- Kayonga: Duturutse iyo ku rukiko. Twiriwe mu rubanza rw'igabana ry'inka za ba bavandimwe bacu. Badutanzeho abagabo, ariko tugiye kuhashirira mba nkuroga!
- Gatabazi: - Ese wa mugabo we ugira ngo ni urubanza ko ari akadasiga umugabo! Ni ukwirirwa aho utaze agahanga ku zuba; abantu bacikana, mbese ni urudaca! Izo nka uyu muni bazizanye ariko nazo ni uko...Harya ku rukiko wagira ngo ni ku rupangu cyangwa ku mwaro, dore ko atari inka ari ibitaka.

(Ubwo inka zibe zirahumuje, babakirire; amata Kagaju ayakire, ayatereke.)

- Gakuba: - Ese nta cyo wadufungurira Kaga?

(Ubwo abe amuhereje agacuma.)

- Reka reka iby'abo bavandimwe sinabimenya. Ni uko nyine njye mbyina mvamo, nari kuzareba akabo!
- Hari n'aho abavandimwe bashyiditse bagahara amavi, bakabuza abantu gukora ikintu kigaragara, bashobora kwikiza ubwabo!
- Nzapfa ntahemutse mba mbaroga!
- Gatabazi: - Reka nawe ntiwavuga utyo Gakuba kandi ubyiruye!
- Udahemutse, umwana wawe yahemuka, akaba yanduje umuryango kandi ashebeje n'aho avuka, ndetse n'igihugu.
- Kayonga: - Ugize ngo iki Gataba? Abana bacu bamera nka twe se ko ubu tubiterwa
- n'ubujiji! Amashuri arahari, bazayige, bakize ababo, kandi bazamure igihugu barwanya n'ubujiji hose. Harya nt a gahungu kawe kiga Gaku?

Gakuba: - Kiga, kiga iki? Nibagume aho bandorere kariya gahushi, naho ibyo kwiga byo...

Kabanda

(yitonze): - Tugiye kwiga se byakubuza kudutuma cyangwa kuragira izo nka tuvuyeyo?

Gakuba: - Ayi nya! Ubwo se wakwiga iki ntize?

Hari urutugu rukura ngo rusumbe ijosi?

Kayonga: - Erega ntumurenganye umwana w'ubu ni uwize! Dore ejo nabonye rya ryori ngo ni mwene Rudakubana asemurira se urwandiko ruturutse i Kigali ndumurwa.

Gatabazi: - Rahira!Bwa busa nabwo buzi gusoma? Erega ishuri rikora ibitangaza!

Gakuba: - Muranteye da! Mugende mwohereze abanyu. Abanjye bo nta ho bazajya maze tugende tuzipfire!

(Bakonoze ka gacuma. Gakuba abasezerere.)

Ngiye kwirambararira dore umunsi uciye ikibu.

Muramukeho...

Igice cya kabiri.

***(Ni mu gitondo, mwarimu Mutijima aje kwa Gakuba. Avugire ku irembo) ***

Mutijima: - Mwaramutseho kwa Gakuba?

(Bamwikirize, hanyuma Kabanda aje kureba uwashuhuje. Igihe akiramukanya na mwarimu, se Gakuba abe arahageze.)

Gakuba: - Mwarimu ko utuzindukiye ni amahoro?

Mutijima: - Ndajya ku murimo uko bisanzwe. Mbonye nyuze muri aya mayira nanga guca ku rugo. Cyokora hari n'icyo nakubazaga.

(Kabanda abahe akanya) Nagira ngo umbwire iby'uriya mwana, kuki utamushyira mu ishuri?

- Gakuba
akomeje): - Uwuhe?
- Mutijima: - Kabanda.
- Gakuba:- Yigahe?
- Mutijima: - Mu ishuri.
- Gakuba:- Yiga iki?
- Mutijima: - Yiga ibyo abandi bangana biga: gusoma, kwandika, kubara n'ibindi byose bituma umwana amenya ubwenge buzatuma yitunga, akanazamura igihugu cye, aba umugabo wuzuye kandi ujijutse.
- Gakuba:- Atize se byamubuza kuba umugabo? Ko ayo mashuri Ntayagiyemo ubu ndi umuntu ugayitse?
- Mutijima: - Oya, ibyo ni amagambo gusa! Reka ngusubiriremo. Ubu buri wese ugeze mu kigero nk'icy'uriya wawe agomba kugana ishuri, akitegura kuba ingirakamaro. Ingero ntiziri kure: mweneRurangwa yasohotse amashuri urabizi; cyo reba imyaka myiza, amakawa ateye ubwuzu n'amashyamba tutigeze tubona. Si inama ze no kutwerekera kwe tubikesha? Bene Rwagatare se da! Nturuzi uko bakijije iwabo!
- Gakuba: - Njye sinkenye cyane by'uko nananirwa kwitungira abana no kubaremera. Ngo hari n'abiga bagakena cyangwa bagakenyuka. Ariko dore twe turisaziye.
- Mutijima: - Urashaka kuba umubyeyi gito kuko ibyo umbwira byose ni ibigushyira heza, ariko ntibireba urubyaro rwawe n'amajyambere yarwo. Nzi ko wananiye incutizawe nyinshi kuri iyo ngingo. None nanze kuguhemukaho mba nkwihereye. Nzi ko ababyeyi bacu babanaga bitari ibya nyirarureshwakandi uribuka ko urwo

rubyaro baruturaze. Nasanze rero ntakugiriye inama naba mpemutse. None urakeka ko ndi mu bakuroha?

Gakuba: - Ntiwabigira, «Mugwaneza!» (*Yiyumvire, hanyuma atwengatwenge.*) Ntiwambere inkoramutima ngo nkubere umuvandimwe gito. Guhemuka ni bibi; kubwirwa bikaba byiza. Gusa nari narabuze umbwira ijambo ringera ku mutima nk'iryo! End agenda udakererwa (amuhereze ukuboko)! Kabanda muvuye imbere rwose!

(Basezeraneho ibinezaneza ari byose).

Ingingo z'ingenzi z'umwandiko

- 1) Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
- 2) Mu bavugwa mu nyandiko erekana abafitanye isano.
- 3) Ni nde wari ucyuye inka?
- 4) Ese izo nka zari zarumanze?
- 5) Ko Kajangwe na Kayonga bari bavuye ku rukiko nibo baburanaga? Sobanura.

Inyunguramambo

Sobanura amagambo akurikira:

1. Gusanga ira
2. Gukuka
3. Kwinikiza
4. Ngaho turakora
5. Urupangu
6. Ibitaka
7. Kwakira

8. Guhumuza
9. Kubyina uvamo
10. Guhara amavi
11. Agahushi
12. Iryori
13. Umunsi uciye ikibu

IBINYAZINA

kinyazina ni ubwoko bw'ijambo risobanura izina. Ikinyazina gishobora gutangirwa n'inyajwi cyangwa ingombajwi.

A. IKINYAZINA NYEREKA: Ikinyazina nyereka ni ijambo bakoresha berekana ikint bagifashe bacyerekana, bagitunga urutoki cg bacyibukiranyaho.

IMBONERAHAMWE YABYO.

nt1. Uyu	Uriya	Urya	Uwo	uno	wa
2. aba	Bariya	Barya	Abo	bano	ba
3. uyu	Uriya	Urya	Uwo	uno	wa
4. iyi	Iriya	Irya	Iyo	ino	ya
5. iri	Ririya	Riryu	Iryo	rino	rya
6. aya	Ariya	Arya	Ayo	ano	ya
7. iki	Kiriya	Kiryu	Icyo	kino	cya
8. ibi	Biriya	Biryu	Ibyo	bino	bya
9. iyi	Iriya	Iryu	Iyo	ino	ya
10. izi	Ziriya	Ziryu	Izo	zino	za
11. uru	Ruriya	Ruryu	Urwo	runo	rwa
12. aka	Kariya	Karyu	Ako	kano	ka
13. utu	Turiya	Turyu	Utwo	tuno	twa
14. ubu	Buriya	buryu	Ubwo	buno	bwa
15. uku	Kuriya	kuryu	Uko	kuno	kwa
16. aha	Hariya	Haryu	Aho	hano	ha

N. B: 1. No kundangahantu ibyo binyanyazina birashoboka

n t17-	-	-	-	-	-
18. umu	Muriya	muryu	Umwo	muno	mwa
19. iyi	Iriya	Iryu	Iyo	ino	ya

2. Hari n'bindi binyazina nyereka bikomoka kuri ibi byo hejuru. Aho bafata igice nza kigakurikirwa n'ibyo binyazina tumaze kubona hejuru; maze

inyajwi ya nza ikaburizwamo imbere y'inyajwi.

Nt1	nguyu	nguriya	ngurya	nguwo
2	ngaba	ngabari	ngabarya	ngabo
3	nguyu	nguriya	ngurya	nguwo
4	ngiyi	ngiriya	ngirya	ngiyo
5	ngiri	ngiririya	ngirirya	ngiryo
6	ngaya	ngariya	ngarya	ngayo
7	ngiki	ngikiriya	ngikirya	ngicyo
8	ngibi	ngibiriya	ngibirya	ngibyoy
9	ngiyi	ngiriya	ngirya	ngiyo
10	ngizi	ngiziriya	ngizirya	ngizo
11	nguru	ngururiya	ngururya	ngurwo
12	ngaka	ngakariya	ngakarya	ngako
13	ngutu	nguturiya	nguturya	ngutwo
14	ngubu	nguburiya	nguburya	ngubwo
15	nguku	ngukuriya	ngukurrya	nguko
16	ngaha	ngahariya	ngaharya	ngaho
17				
18	ngumu	ngumuriya	ngururya	ngumo
19	ngiyi	ngiriya	ngirya	ngiyo

UTUREMAJAMBO TW' IKINYAZINA NYEREKA

a) Ikinyazina nyereka bishobora kugira:

Indomo (D) ; indangasano (RS) n' igicumbi (c)

Kimwe n' uko indomo ishobora kutagaragara

Igicumbi y'ibinyazina nyereka ni: + a, + riya, + rya, no, + o

Ingero:a) aho indomo igaragara:

Ikinyazina	D	RS		C amategeko
y'igenamajwi				
Abo (nt2)	a	_ba	+ o	a→ϕ/-J
Ako (nt12)	a	-ka	+ o	a→ ϕ/-j
Icyo (nt7)	i	-ki	+ o	i→y/-j; ky→cy mu murogo/
Ubwo (nt14)	u	-bi	+ o	u→w/-j
Aho (nt16)	a	-ha	+ o	a→ ϕ/-j
Iryo (nt5)	l	-ri	+ o	i→y/-j
Utwo (nt13)	u	- tu	+ o	u→w/-j
Izo (nt10)	l	-zi	+ o	i→ ϕ/-j
Iyo (9)	l	-l	+ o	i→y/-j

b) Aho indomo itagaragara

ii) Kugicumbi /- rya

Kzn	D	RS	C	AMATEGEKO Y'igenamajwi
Nt 1 uno	-	u	/-no	Ntategeko
2 bano	-	ba	/-no	-
4 ino	-	i	/-no	-
7. kino	-	ki	/-no	-
10. zino	-	zi	/-no	-
12. kano	-	ka	/-no	-
13. tuno	-	tu	/-no	-
16. hano	-	ha	/-no	-

iii) ku gicumbi rya

Kzn	D	RS	C	Amtegeko y'igenajwi
Nt 1. uriya	_	U	+ riya	//
2. bariya	_	Ba	+ riya	//
5. ririya	_	Ri	+ riya	//
7. kiriya	_	Ki	+ riya	//
8. biriya	_	Bi	+ riya	//
10. ziriya	_	Zi	+ riya	//
11. ruriya	_	Ru	+ riya	//
16. hariya	-	Ha	+ riya	//

kzn	D	RS	C	amategeko y'igenam ajwi
nt1. Wa	-	u	+ a	u→w/-j
2. ba	-	ba	+ a	a→ϕ/-j
4. ya	-	i	+ a	i→y/-j
5. rya	-	ri	+ a	i→y/-y
7. cya	-	ki	+ a	i→y/-y, ky→cy mu
				mvugo
cy munyandikire				
8. bya	-	bi	+ a	i→y/-y
13. twa	-	tu	+ a	u→/-j
14. bwa	-	bu	+ a	u→w/-j
15. kwa	-	ku	+ a	u→w/-j
16. ha	-	ha	+ a	a→ϕ/-j

Icyitonderwa: Ngabariya = ng-ba + riya

Ngabarya = nga-ba + rya

Nguwo = ngu-u-u + o

a→ϕ/-j, u→w/-j

IMYITOZO:

Erekana ibinyazina nyereka muri izi nteruro unashake zabyo n'amategeko y'igenamajwi.

1. uzambwirire wa mwana ko ntazaza.
2. Ba bakobwa na ba bahungu batashye hakiri kare.
3. nabwiye barya bagore ko bagomba kubaha abagabo babo.
4. Uyu mucecuru n' uyu musaza barashaje cyane.
5. Mpereza kiriya gitoki tugitonore.
6. Ka kana ngakariya karaje.
7. Aho kubeshya wa mugabo, wabeshya wa mugore we.

IGITEKEREZO CY'IBIGINA (Igice cya mbere)

Mu mateka y'u Rwanda rwo hambere, abahungu ba Kigeri III Ndabarasa n'ababakomokaho bakunze kubita "Ibigina". Iryo zina baryiswe n'umuhanuzikazi wahoraga abatega amakuba ati "muzamarana kandi amaraso yanyu anabahinduke."

Bene Ndabarasa bamwica urubozo. Ababitekereza bavuga ko iryo zina uwo muhanuzikazi yaribitiye kandi ko bari inzobe (kimwe n'abami bose n'abenshi mu bikomangoma kugeza kuri Rwabugili).

Iki gitekerezo kiragaragaza ukuntu Ibigina byagerageje kabiri kose kwimika Gatarabuhura, "kugira umuheto w'amatwi year" bari bahisemo bakanamukunda cyane (wenda ni nawe wabyifuzaga kurusha ibandi bikomangoma). Babanje kugambanira umuvandimwe wabo Sentabyo, wari umaze kuragwa ingoma, izina ry' ubwami ari Mibambwe wa III. Bakurikizaho umwana wabo Gahindiro ka Sentabyo wazunguye se ku ngoma, iry'ubwami akitwa Yuhi VI.

Ku ngoma ya Ndabarasa, Rukali niwe wari umutware w'umutoni, ukize cyane, ukomeye mu gihungu. Akaba n'inshuti ya Gatarabuhura. Nyina Nyirampumuro akaba inkundwakazi ya Ndabasa. Kugirango rero hatazagira icye gihugana, Rukali yari yariyemeje kuzaha ingoma mu cuti we w'igikomangoma, se amaze gutanga. Ntiyari ayobewe ko imirishyo myiza cyane y'ingoma itari itahana nay o, ariko birumvikana ko we atabyifuzaga.

Kugirango amahirwe azagumye kumusekera, yari yarigoroye n'ibikomangoma n'abandi batware bari baramurakariye kubera ubutegtsi bukomeye yari afite. Arababagira, arasohozza, abatera n'izindi nkunga. Bamwe banahamya ko shebuja yari yaramuhishuriye uzamuzungura. Cyakora yaje kwiyicira arabyigamba, yongeraho n'icyaha cyo guhesha akato umwami abonye ashaje, yitwaza ko atangiye kurindagira, ko rero ibye birangiye. Urebye yashakaga kumubuza kuzabwira abiru uzamusimbura, bityo bikerekana ubwoba yari afite bw'uko Gatarabuhura atazaragagwa ingoma.

Aho ubwo bwenge bwe bwari no kumuhira, iyo abiru batamwicira, bagaca ku mategeko ye, aho bamenyeyeko umwami ari hafi gutanga. Mbere y'uko atanga,

yatumije umuhngu we Sentabyo, amuraga ingoma, anamwerekana abiru, bamwe mu bana be n'abatware batari bashyigikiye ubugambanyi bwa Rukali. Hacyeho gato, umwami aratabara.

Abo biru ntibazuyaza, batumira abatware bari mu murwa mukuru kugirango babamenyeshe uko umwami yaraze n'uko ingoma ari iya Sentabyo, banamaganira ko Rukali kubera kwigizayo Kigeli mu minsi ye ya nyuma, kimwe na buri mutware, buri mwiru, buri gikomangoma batari mu bugambanyi bwe.

Rukali nta cyo yashoboraga guhкана, kuko abantu bose bari bazi ko Kigeli yari yarabujije uwo mutware we kumwegera ajya gutanga.

Ni bwo rero bamuciriye urwo gupfa, apana n'abahungu be na bene wabo ba hafi. Babatsinze kuri Muhazi, hashize icyumweru imirambo yabo barayiroba. Ibyinshi mu bintu byabo bihabwa Kimanuka, mukuru wa Sentabyo.

Gatarabuhura ariko ntibyagira icyo bimubwira: yari intwari kandi yari akomeye. Mwene se ntibari bahuje nyina wari wimye akaba I Mana y'I Rwanda. Ariko abnyamico myiza ntibamenyako ugize nkana we atababarira! Uko kuyoboka kwa Gatarabuhura byari rero urwiyerurutso.

Ubwigomeke bw'ibigina kuri Mibambwe wa III mu mateka y'u Rwanda bwitwa "ubugambanyi bwa Kinyambi." Kirambi y'i Rukoma aho ibyigomeke byimikiye Gatarabuhura.

Ibigina byari byinshi, byose rero si ko byayobotse Gatarabuhura ariko byinshi muri byo byaramwemeye, bituma rero uko kumuyoboka kwitwa ubwigomeke bwabyo bwa mbere.

Umubare nyabyo w'ibigina ntuzwi. Bavuga ko biri hagati ya mirongo itanu na mirongo itatu, ariko amazina azwi ni cumi n'abiri gusa.

Iyo ubajije abantu aho ikigina runaka cyari kibogamiye, usanga batahaza. Cyakora Kimanuka n'abahungu batatu ba Mandwa, aribo Semugaza, Baryinyonza na Kazenga, nibo bari ku ruhande rwa Mibambwe. Ntibyabujije nyamara Gatarabuhura kubura amaboko kuko imbaga y'u Rwanda itari imushyigikiye kubera ayo mahugu, kuko kandi Atari anafite ingoma y'ubutegetsu, tutiriwe tuvuga rwa rupfu rwa Rukali

n’abe, ntabwo Abanyarwanda abo babababaje, ndetse benshi muri bon go bagiraga bati “awa! Nibagende barizize. ” Si ibyo gusa benshi mu bagaragu ba Rukali bayobotse Sentabyo.

Ibyo ari byo byose, Gatarabuhura n’abayobokeye be bumvaga bikomeye, dore ko banakekagako abagaragu ba Rukali bayobotse byo kwikiza gusa. Nibwo barushoje ruba inkoramaraso. Nk’aho Gatarabuhura yakarutsinze, hagoboka iby’imana Vuninka wa Nyarwaza, azana Nyaruguru. Bazana amavamuhira, ibintu byadogereye, batsinda ibyo byigomeke. ni nk’uko kera Rwamanywa azaduka n’Abadaha be ku Rucunshu...

Kumva umwandiko

1. Abitwaga Ibigina ni bande?
2. Ni nde watumaga Ibigina byigomeka? Yabiterwaga n’iki?
3. Kuki Rukali yashakaga guha ingoma mucuti we?
4. Kuki Rukali yigoroye n’ibikomangoma n’abandi batware?
5. Yaje kwiwicira umugambi ate? Yabitewe n’iki?
6. Abiru bo se bamurogoye bate?
7. Ubwigomeke bw’ibigina bwamanyekaniye he?
8. Vuga Ibigina byari ku ruhande rwa Mibambwe?
9. Kuki Gatarabuhura yaje kubura amaboko?

Inyunguramagambo

1. Umuhanuzikazi
2. Kuragwa ingoma
3. Wazunguye se
4. Inkundwakazi

5. Umukundwa w'umutoni
6. Amahirwe azagumye kumusekera
7. Arabyigamba
8. Guha akato
9. Hafi gutanga
10. Umwami aratabara
11. Akaba Imana y'I Rwanda
12. Uwagize nkana
13. Byari urwiyerurutso
14. Kubura amaboko
15. Ubwigomeke bw'ibigina
16. Si ko Ibigina byayobotse
17. Aho Ikigina kibogamiye
18. Nibagend barizize
19. Inyaruguru
20. Bazana amavamuhira
21. Ibintu byadogereye
22. Ibyo byigomeke

IBINYAZINA NGENGA N' IBINYAZINA NGENERA

A) IKINYAZINA NGENGA

Hari n'abakita ikinyazina BWITE icyo kinyazina ni ijambo rihagararira uvuga, cg uvugwa abavugwa, ikivugwa, ibwirwa, ababwirwa, cg ahavugwa.

Ngenga ya 1 y'ubumwe: (jye, jyewe njye, njyewe) nkunda ikinyarwond (uvuga)

Ngenga ya 2 y'ubumwe:wowe wakerewe cyane (ubwirwa)

Ngenga ya 3 y'ubumwe (nt1):we ntakunda gusiba (uvugwa)

Ngenga ya 1 bwinshi: twe turatsinda cyane (abavuga)

Ngenga ya 2 bwinshi:mwe nganga imibare (ababwirwa)

Ngenga ya 3 bwinshi (nt3): bo basiba uko bishakiye (abavugwa)

IMBONERAHARWE YA CYO

- Nt
1. we → ur:wa mwana we gusiba!
 2. bo → bo bari bahari bose.
 3. wo → umuti na wo urarura.
 4. yo → imihini yo ndayibona.
 5. rya → rya shyamba ryo ryahiye.
 6. yo → amashyamba yo yahiye.
 7. cyo → cya kibabi cyo cyunye.
 8. byo → ibiti byo biracanwa.
 9. yo → inka yo irakamwa

10. zo → inkazo zirakamwa.
11. rwo → ururo rwo rureze.
12. ko → akaboko ko kavunitse.
13. two → utunyoni two twagurutse.
14. bwo → ubunyobwa bwo bwashiriye.
15. ko → ukuguru ko kwavunitse.
16. ho → ahantu ho harashyushye.
17. -
18. mwo → mo mugira mwo dahazi.

IBINYAZINA BIK OMOKA KUBINYAZINA NGENGA

Kubinyazina ngenza ushobora kongeraho utu tujambo:se, mbi, nyine.

Ng1 bumwe:njyenyine.

Ng 2bumwe:wenyine, wese

Ng1 bwinshi:twenyine, twese, twembi

Ng2 bwinshi; mwenyine, mwese, mwembi

Ng:nt	1. wenyine	wese	-
	2. bonyine	bose	-
	3. Wonyine	wose	-
	4. Yonyine	yose	yombi
	5. Ryonyine	ryose	-
	6. Yonyine	yose	yombi
	7. Cyonyine	cyose	-

8. Byonyine	byose	byombi
9. Yonyine	yose	-
10. Zonyine	zose	zombie
11. Rwonyine	rwose	-
12. Konyine	kose	-
13. Twonyine	twose	twombi
14. Bwonyine	bwose	bwombi
15. Konyine	hose	hombi
16. Honyine	hose	hombi
17. --	-	-
18. Mwonyine	-	-
19. Yonyine	yose	-
20. --		
21.		

NB:”mbi”ntikoreshwa mu nteko zose

“se, mbi” dukoreshwa mu nteko zivugwamo ibintu byinshi.

B) IKINYAZINA NGENGA

Ni ikinyazina gihuza amazina abiri agaragaza isano kdi yuzuzanya gishabora no guhuza izina n’ inshinga iri mu mbundo

Gishabora no guhuza kdi izina n’indangahantu, ikinyazina nymubaro cg igera z’igihe cg iz’ahantu

Kigira igicumbi + ana + o

Ingero:-

- umwana wa kamanzi (guhuza izina n'irindi)
- umwana wo gutuma (guhuza izina n'imbundo)
- ibijumba byo mu kabande (guhuza izina n' indangahantu)
- Umwana wa gatatu (guhuza izina n'ikinyazina ny'nyamubaro)
- Ibiryo byo hambere (guhuza izina n'ingere y'igihe)
- ishyamba ryo haruguru (guhuza izina n'ingera y'ahantu)

IMBONERAHARWE YACYO

Ntera		Urugero	urugero
1:wa	Wo	umwana <u>wa</u> kamna	umwana <u>wo</u> gutuma
2. ba	Bo	abagore <u>ba</u> karenzi	abana <u>bo</u> gutuma
3. wa	Wo	umuti <u>wa</u> karake	umuti <u>wo</u> kunywa
4. ya	Yo	Imiti <u>ya</u> kabera	Imiti <u>yo</u> kunywa
5. rya	Ryo	Ishyamba <u>rya</u> data	Ishyamba <u>ryo</u> gutema
6. ya	Yo	Amata <u>ya</u> murenzi	Amata <u>yo</u> kunywa
7. cya	Cyo	Ikibabi <u>cy'</u> inturusu	Igiti <u>cyo</u> gucana
8. bya	Byo	Ibiti <u>bya</u> kamana	Ibijumba <u>byo</u> kurya
9. yo	Yo	Inka <u>ya</u> ndamage	Inka <u>yo</u> kubaga
10. za	Zo	Inka <u>za</u> rudasumbwa	Jnka <u>zo</u> korora
11. rwa	Rwo	Uruti <u>rw'</u> indimu	Uruti <u>rwo</u> gucana
12. ka	Ko	Akaboko <u>k'</u> ihene	Akana <u>ko</u> gutuma
13. twa	Two	Utwana <u>tw'</u> inyoni	Utwana <u>two</u> gutuma

14. bwa	bwo	Ubuho <u>bwa</u> ndayambaje	Ubuho <u>bwo</u> kuryamo umutsima
15. kwa	Ko	Ukuguru <u>kw</u> angomanziza	Ukuguru <u>ko</u> gukinisha umupira
16. ha	Ho	Ahantu <u>ha</u> mukadata	Ahantu <u>ho</u> guhinga
17.			
18. mwa	mwo	Mu mugi <u>mwa</u> benewacu	Mu kibuga <u>mwo</u> gukinira
19. ya	Yo	Kigali <u>y</u> 'abayizi	Kigali <u>yo</u> guturwamo n'abakire

UTUREMAJAMBO TW'IKINYAZINA NGENGA N'IKINYAZINA NGENERA

A) UTUREMAJAMBO TW'IKINYAZINA NGENGA.

- ikinyazina ngenga kigira iyi ntego: indangasano (RS) n'igicumbi (C)
- kigira igicumbi /-e; /-o.

ingero: ng 1 bumwe: njye:n + gi-e; i→y/-j:gy→jy mummyandikire.

ng 2 bumwe: wowe:u→o -u/-e: u→w/-j.

ng 1: bwinshi:twe: tu/-e: u→w/-j.

ng 2: bwinshi: mwe: mu/-e: u→w/-j.

rs c amategeko y'igenamajwi

nt	1. We = u/-e	u→w/-j
	2. bo = ba/-o	a→ϕ/-j
	3. Wo = u/-o	u→w/-j
	4. Yo = i/-o	i→y/-j
	5. Ryo = ri/-o	i→y/-j
	6. Yo = a/-o	a→y/-j
	7. Cyo = ki/-o	i→y/-j
	8. Byo = bi/-o	i→y/-j
	9. Yo = i/-o	i→y/-j
	10. Zo = zi/-o	i→ϕ/-j
	11. Rwo = ru/-o	u→w/-j
	12. Ko = ka/-o	a→ϕ/-j

13. Two = tu/-o u→w/-j
 14. Bwo = bu/-o u→w/-j
 15. Ko = ku/-o u→ϕ/-j
 16. Ho = ha/-o a→ϕ/-j
 17. — — —
 18. Mwo = mu/-o u→w/-j
 19. Yo = i/-o i→y/-j

NB: ku binyazina bikomoka ku binyazina ngenga (ni ukuvuga ahongeweho, + **se**, + **mbi**, + **nyine**,.) utwo tujambo ntidusesengurwa, utwongeraho uko twakabaye.

- Ur: 1) twese = tu/-e/-se. (ng 1bwinshi)
 2) Mwenyine = mu /-e/-nyine (ng 2 bwinshi)
 3) bombi = ba /-o/-mbi (nt2)
 4) mwembi = mu /-e/-mbi (nt 2 bwinshi)
 5) byose = bi/-o/-se (nt8)
 6) cyonyine = ki/-o/-nyine (nt7)

B) UTUREMAJAMBO TW'IKINYAZINA NGENERA

- Kigira iyi ntego: indangasano (RS) n'igicumbi (c)
- Kigira igicumbi /-a; /-o.

IMBONERAHARWE YA CYO

Ntera, RS C RS C Amategeko y'igenamajwi

1. w = u + a	wo = u + o	u→w/-j
2. ba = ba + a	bo = ba + o	a→ϕ/-j
3. wa = u + a	Wo = u + o	u→w/-j


4. ya = i + a	Yo = i + o	i→y/-j
5. rya = ri + a	Ryo = ri + o	i→y/-j
6. ya = a + a	Yo = i + o	a→y/-j
7. cya = ki + a	Cyo = ki + o	i→y/-j; ky→cy mumvugo cg mummyandikire.
8. bya = bi + a	Byo = bi + o	i→y/-j
9. ya = i + a	Yo = i + o	i→y/-j
10. za = zi + a	Zo = zi + o	i→ϕ/-j
11. rwa = ru + a	Rwo = ru + o	u→w/-j
12. ka = ka + a	Ko = ka + o	a→ϕ/-j
13. twa = tu + a	Two = tu + o	u→w/-j
14. bwa = bu + a	Bwo = bu + o	u→w/-j
15. kwa = ku + a	Ko = ku + o	u→w/-j; u→ϕ/-j
16. ha = ha + a	Ho = ha + o	a→ϕ/-j
17.		
18. mwa = mu + a	Mwo = mu + o	u→w/-j
19. ya = i + a	Yo = i + o	i→y/-j

Imyitozo:

Erekana ikinyazina ngenga n'ikinyazina ngenera muri izi nteruro zikurikira kandi kandi ushake n'itegeko n'amategeko y'igenamajwi kuri buri kinyazina.

- 1) Munyaneza yaguze ishata yo guha umwana.
- 2) Ibiti byo gucana byo birumye.
- 3) Akaguru ka karori karavunitse.
- 4) Mwese mugomba kumvikana.
- 5) Baje bonyine nta muyobozi uri kumwe nabo.
- 6) Imirima yo guhinga yabaye mike.
- 7) Ingurube zo zikunda kugira umwanda.
- 8) Abana bose bagomba kubaha ababyeyi babo.

URWENYA



Umuntu umwe uhagaze abwira abandi basetse cyaneeee

1. umugore n'umugabo babyraga bapfusha. umunsi umwe bigira inama yo kujya kuraguza.

Bageze k'umupfumu, arabagarira arababwira ati<< impamvu mubyara mupfusha ni uko mu byara abana mukabita amazina meza. None guhera ubu nimwongera gusama muzashake izina ribi ribaho muzita umwana wanyu mubyaye; maze muzarebe ko uwo mwana atazakura kandi akabaho >>. Umugore bagenda bavuzeko bagiye kubyubahiriza. By'amahirwe koko umugore arasama. Amaze gusama bashakisha izina ribi ribaho bazita umwana wabo amaze kuvuka.

Basezerako bazamwita MUNNYO. Umwana amaze kuvuka, igihe cyo kwita umwana bamwita iryo zina. Umwana abaho arakura. hashize igihe umwana baza kumukorerera isabukuru. Bategura ibyo kurya n'ibyo kunywa; batumiza

abantu muri uwo munsu mukuru. Igihe cyo kuvuga ijamba kwa nyir'urugo kiragera. Nyirurugo aratangira ati<< kuba duteraniye aha ni kubera MUNNYO, ibyo turi kunywa byose byakorewe MUNNYO, izi nzoga turi kunywa turi kuzinywera MUNNYO, ibi biryo turi kurya turi kubirira MUNNYO, ->>. Uko avuga umwe asohoka, undi asohoka, -----bati<< koko turye ibyakorewe munnyo>>. Umugabo ashiduka asigaye wenyine, umugore we n'umwana we bonyine.

2. umusaza n'umukecuru we bagiye gusenga mumisa kubera ko bari bazi ko ari abanyabyaha. Bagiye kumva bumva padiri aravuze ngo << ntama w'Imana wowe ukiza ibyaha by'abantu >>. Umukecuru ahita arya umusaza we akara ati << reka twigendere noneho ya ntama yacu irabikemura>>. Barasohoka baragenda. imuhira bari bafite intama nini y'isekurume. bageze imuhira begera intama yabo. umwe ati << ninde ubanza gukizwa ibyaha?>>. Bumvikana ko habanza umugabo. umugabo ajya imbere y'intama ashira umutwe we imbere yayo, intama biyibangamiye iramusekura no mumutwe ngo << poo!!>>. Umusaza arambaraye hasi atangira gusamba. umukecuru ati << ndabona bicamo ibyaha atangiye kubikizwa >>. Umukecuru nawe ajya imbere yayo, nawe intama umukora nk'ibyo yakoreye umusaza. Bose bashyira batyo bita Rurema.

UKWIHANGANA

Umuntu wese yifuza kumererwa neza, akagira ibintu, akabigiramo amahoro. Abanyarwanda bo bati “hahirwa ubyara, agatunga akaramba.”

Nyamara ubuzima bw’abantu ntibugirwa n’ibyishimo, ishya n’umudendezo gusa. Haziramo ibyago, amakuba umuntu akaba kuva avuka kugera yitaruye. Yego si ko abantu bose barazwe umuruho, ariko abagashize ni mba ni bake kuri iyi si.

Ubunye umuntu ngo aragira ibya Mirenge akabura ababirya! Hakabaho ubwo uwo mugaga ababara umubabaro agacika ururondogoro, akagenda aganyira abahisi n’abagenzi ko nta kana.

Byacambwamoakaboneza iy’abapfumu n’abacunnyi ngo ye baba bagira icyo bamumarira. uko kwihangan kwe guke kugatuma agaragarira ubusa akarutwa n’umutindi nyakujya. Ariko hari ababura urubyaro bakihangana. Bagategereza. Bene abo bishima kurusha ba bandi babandagaje bakabarumbira, maze bakicuza icyo bababyariye. Ngo “kubyara ni ishyano no kutabyara ni irindi.”

Ubundi ugasnga urugo rwuzuye abana bicira isazi mu jisho. Ababyeyi ubukene bukabugariza: bakabura epfo na ruguru.

Hatagira ikibagoboka mu maguru mashya bamwe muri abo bana bagasonza inzara ndende, bagatorongerera, bakagegera. Naho abihangnye bagatungwa n’uduke babonye, bagashyiraho umwete bagakora, rubanda rubagirira impuhwe, rukabasakira, bakagera igihe nabo beza. Ako kanda kagacika katabahitanye.

Wa mugani wa wa Munyarwanda “uhigira igisambu igisebe gihigiriz ruseke.” Ushobora kwicinya icyara uzi ko hari icyo uzimarira cyangwa se ko amahirwe azagusekera. Byose bikaguca mu myanya y’intoki. Utakwiyumanganya ukaba wahinduka igishushugwe. Hari na bamwe usanga bakubita gatoki ku kandi, ngo ntibameze nta bagenzi babo, ngo baradamaraye bo bahangayitse. Uko kutihangana kwabo ni ko kubyara inzangano n’inabi nyinshi. Nyamara hari n’abatwarira iyo rigoramiye, bakikomereza, bakemera urugero barimo bakihata umurimo kugirango bizamure bagahora bakeye nta ntugunda.

Burya no kwihanganira uguhemukiye bikiza byinshi.

Nta kibabaza nko guhemukirwa n'umuntu mwaganiriye, mwasangiye akabisi n'agahiye nyuma akaguhinduka. Akakwanga urwango rukabije. Bitera agahinda, ukayoberwa aho bivuye, rimwe na rimwe ugasigara wibaza aho ubwo bucuti bwari bushingiye. Ariko urengejeho, nturakare uburakari butigarura, ukamureka akishyira akizana, amaherezo murashyira mukazigorora, mukabana neza birenze ibya mbere aho gukurura inzangano z'urudaca.

Upfushije umwana ari uruhinja cyangwa akuze, amusigira urwibutso rukomeye. Ubuze ababyeyi bari bamufatiye runini, incuti y'inkoramutima, umuvandinde, urungano se, bitera agahinda bikamushavuzi. Yewe hari n'abo bikuriramo bagasa n'abarwaye umutwe. Nyamara urenzaho, agashinga iryinyo ku rindi, umubonye nta cyo amutoraho igihe kirahita ikindi kigataha, akagera aho asa n'uwabyibagiwe; intimba yamushenguraga ikayoyoka.

Wari uzi ko no kurwara indwara umuntu akaremba bikamukurizamo no gupfa urupfu rubi nabyo byaturuka ku bwihebe bw'umuryayi? Akarara butunda ateterezako Atari buramuke. Ntagire icyo atamira, ntagire icyo anyway. Ayo maganya n'umuborogo bikamuhuta. Ariko uwikomeje, agashinyiriza akiringira ko azakira, akenshi arakira koko. Agasinzira ibitotsi byinshi, agaca akatsi, akagira agatege.

Ibibabaza abantu ni byinshi nta wabiva imuzingo. Gusa icy'ingenzi ni ukwiyumanganya. Umuntu akarwanya ubwihebe. Bene uwo udahindiswe imishyitsi n'ibizira niwe ushobora no kuramba. Naho ushya ubwoba, agacika integer akabura icyo afata n'icyo areka, agahora yigunze, ntatera kabiri. Ni koko kwihangana kuneshya amakuba menshi kukabyara umubabaro n'ibyishimo. uwo murage w'abakurambere bacu twari dukwiye kuwumbatira tukawutoza urubwiruko; bityo abanyarwanda tugahora turi abagabo bashikamyeye; badakwangwa n'ibirumbaraye. Uwihanganye ntiyandura.

Ibibazo ku mwandiko

1. Mu bika hafi ya byose umwanditsi aragenda agereranya imyifatire itandukanye y'abantu bari mu byago. Igaragara ite uherye ku ntangiriro.

2. Kwihangana rero bimaze iki?
3. Umwanditsi arabiduhamiriza ate, ni irihe somo twakura muri uyu mwandiko ryadufasha mu mibereho yaco?

Inyunguramag ambo

- | | |
|--|---|
| 1. Umudendezo | 16. Kwicinya icyara |
| 2. Yaritaruye | 17. Bikamuca mu myanya y'intoki |
| 3. Abagashize | 18. Utiyumanganyije |
| 4. Ni mbarwa | 19. Bahangayitse |
| 5. Kugira ibya Mirenge | 20. Bagatwarira iyo rigoramiye |
| 6. Umugagaga | 21. Nta ntugunda |
| 7. Gucika ururondogoro | 22. Umuntu mwasangiye akabisi n'agahiye |
| 8. Byacambwaho | 23. Biramushavuza |
| 9. Abana bakabarumbira | 24. Bamufqtuye runini |
| 10. Kubyara ni ishyano no kutanbya ni irindi | 25. Inkoramutima |
| 11. Bicira isazi ku jisho | 26. Intimba yamushenguraga ikayoyoka |
| 12. Ubukene bukabuga riza | 27. Agaca akatsi |
| 13. Bakabura epfo na ruguro | 28. Agashingz iryinyo ku rindi |
| 14. Rubanda rukabasaki | 29. Kuva imuzingo |
| 15. Uhigira abandi igisebe gihigira ruseke | 30. Uwo murage w'abakurambere |

IKINYAZINA NGENERA-NGENGA.

Icyo kinyazi cyitwa “ IKINYAZINA CY’INYUNGE”.

Ibikiranga:

1) Kigizwe n’ikinyana ngenera wongeyeho ikinyazina ngenga.

- Ur: - Mukuru wanjye atunze inka nyinshi
- Abana babo bakunda gukererwa.
 - Abarimu bacu bigisha neza.
 - Ishuri ryabo ririmo abahanga.

2) ikinyazina cy ‘inyunge cyerekana utunze n’icyo atunze.

- Ur: - ikaramu yanjye ntiyandika neza.
- Ishuri ryacu ni intangarugero.

3) ikinyazina cy’inyunge gikurikira gikurikira izina kimwe n’uko gishobora kurisimbura.

- Ur: - igitabo cyanjye kirashaje icyanjye kirashaje.
- Ishuri ryabo ntiritsisha ntiritsindisha. icyabo ntiritsindisha.

Imbonerahamwe y’ibinyazina by’inyunge

N t 1:wanyje	Wacu	wawe	wanyu	wabo
2. banjye	Bacu	bawe	banyu	babo
3. wanjye	Wacu	wawe	wanyu	wabo
4. yanjye	Yacu	yawe	yanyu	yabo
5. ryanjye	Ryacu	ryawe	ryanyu	ryaboy
6. yanjye	Yacu	yawe	yanyu	yabo
7. cyanjye	Cyacu	cyawe	cyanyu	cyabo

8. Byanjye	Byacu	byawe	byanyu	byabo
9. yanjye	Yacu	yawe	yanyu	yabo
10. zanjye	Zacu	zawe	zanyu	zabo
11. rwanjye	Rwacu	rwawe	rwanyu	rwabo
12. kanjye	Kacu	kawe	kanyu	kabo
13. twanjye	Twacu	twawe	twanyu	twabo
14. bwanjye	Bwacu	bwawe	bwanyu	bwabo
15. kwanjye	Kwacu	kwawe	kwanyu	kwabo
16. hanjye	Hacu	hawe	hanyu	habo

Imyitozo:

I. Muri izi nteruro erekanamo ikinyazina ngenera ngenga.

- 1) ishyamba byabo ryahiye.
- 2) amaboko yacu nibwo bukungu.
- 3) amarira yabo aba hafi.
- 4) abagore n'abana babo basigara mu rugo.
- 5) sinshobora kubesha abavandimwe banjye.
- 6) abo aribo bose ni abacu.
- 7) abawe sinashoboye kubabona.

ITONDAGUNSHINGA.

Itondagunshinga ni uburyo cyangwa ukuntu inshinga igenda ihindura intego yayo.

Kugra ngo umenye neza itondaguranshinga ugomba kubanza kumenya:

- Inzira zo gushaka ibicumbi.
- Uturemajambo tw'inshinga
- Igenantego (igenagihe cyangwa indangagihe).
- Utuno
- Indangasano za ruhamwa.
- Indangasano z'ibyuzuzo.
- Ingereka
- Imisozo

A) INZIRA ZO GUSHAKA IBICUMBI.

i) **ku nshinga zisanzwe:** iyo dushaka ibicumbi by'inshinga zisanzwe dushira iyo nshinga mu ntegeko ngenga ya kabiri y'ubumwe maze tugakuraho umusozo -a.

ur: intego c

- kugenda = /- genda = /-gend-
- guhinga = hinga = /-hing-
- kuririmba = ririmba = /- ririmb-
- gucura = /- cura = /- cur-
- kumenya = /-menya = /-meny-
- kuvuga = /-vuga = /-vug-

ii) ku nshinga ziruhije (zifite ibicumbi by'imvugwarimwe).

Ibyo bicumbi byitwa ibicumbi by'imvugwarimwe kuko bigizwe n'umugemo umwe gusa. naho inshinga bikomokaho zigizwe n'imigemo ebyiri.

Kugirango ubone ibyo bicumbi; ushira izo nshinga mu mpitagihe (mu kanya gashize) noneho ugakuramo indangasano ya ruhamwa (RSH) " a " ndetse n'umusozo "ye" igisigaye hagati kikaba aricyo kikaba aricyo kiba "IGICUMBI".

Ur: akanya gashize

gutsa = aseye = a + se-ye = ubwo igicumbi ni /-se

gupfa = apfuye = a/-pfu-ye = ubwo igicumbi ni/-pfu.

kurya = ariye = a/-ri-ye = ubwo igicumbi ni/-ri

gukwa = akoye = a/-ko-ye = ubwo igicumbi ni/-ko

kujya = agiye = a/-gi-ye = ubwo igicumbi ni/-gi

guca = aciye = a/-ci-ye = ubwo igicumbi ni/-ci

NB: urutonde rw'ibicumbi by'imvugwarimwe tuzabibona nyuma.

B. UTUREMAJAMBO TW'INSHINGA

Utwingenzi ni: - Indangasano ya Ruhamwa (RSH)

- Igicumbi (C)

- Umusozo (SZ)

Usibye utwo turema jambo tw'ingenzi hari n'utundi dushobora kugaragara mu itondagura nshinga, utwo ni:

(i) Utuno (Tn) cg Mbanza: Mbanza ni akarema jambo gatangirira utundi twose bifitanyije inshinga kurema isano yatwo. Ni ukuvuga ko mbanza ifata buri gihe umwanya w'imbere mutundi turemajambo.

Hari amoko atatatu ya mbanza:si, ni, na nti

Si na nti zitwa na none IMPAKANYI kuko ingingo yazo ihakana.

- Ni:Nuvuga = ni-u-ϕ/-vug-a
Nibakore = ni-ba-ϕ/-kor-e
- Si: sinumva = si-n-ϕ/-um-va
- Nti: ntibiga = nti-ba-ϕ/-ig-a.

NB: Mbanza –si-ikorana na ngenga ya 1 y’ubumwe

Mbanza –nti-ntikorana na rimwe na ngenga ya mbere y’ubumwe.

ii. indangasano za ruhamwa (RSH) ni 20:

murizo harimo inteko zose uko ari 16 hakiyongeraho ng 1 bumwe, ng 2 bumwe na ng1 n’iya 2 z’ubwinshi.

Nt 1.:a-

2.:ba

3. u-

4. i-

5. ri-

6. a-

7. ki-

8. bi-

Nt9 i-

10. zi-

11. ru-

12. ka-

13. tu-

14. bu-

15. ku-

16. ha-

+ ng1 bumwe:n-

Ng2 bumwe:u-

Ng 1bwinshi:tu-

Ng 2 bwinshi: mu-

iii) igenantego cg indangagihe: Ni akaremajambo kerekana igihe inshinga itondaguyemo.

- Izo ni:
- a-yaguze: a-a/-gur-ye: r + y → z
 - ra-: araje: a-ra/-z-ye: z + y → j
 - na – unagiye: u-na/-gi-ye; nta nteko.
 - Ka-: ukaririmba: u-ka /-ririmb-a: nta nteko.
 - za –tuzajyane: tu-za /-gi-an-a: i → y/-j
gy → jy mumvugo/mumyandikire.
 - ki-: bakibivuga: ba –ki –bi/-vug-a: nta nteko
 - a-ra = yarakinnye: a-ara/-kin-ye.
a → y/-j; n + y → nny.
 - ra-ka = uragakira: u-ra-ka/- kir-a
kj → gj/-gr.
 - ra-ki-a = uracyavuga = u-ra-ki-a/-vug-a

i → y/-j;

ky → cy mumyandikire.

- | | | |
|---|---|---|
| + | { | ng 1 bu: -n: Yamunsabye: a-a-mu-n/-sab-ye: a → y/-J |
| | | ng 2 bu: -ku: Azakubwira: a-za-ku/-bwir-a: Nta tegeko |
| | | ng 1 bw: -tu: Azadukubita: a-za-tu/-kubit-a: t → d/GR |
| | | ng 2 bw: -ba: Azababwira: a-za-ba/-bwir-a: Nta tegeko |

+ Akaremajambo k'icyuzuzo ngaruka –i- cyangwa impindurantego yako –iy-

- Aritemye: a-ra-i/-tem-ye: a → Ø/-J
- Yiyishe: a-a-iy-ic-ye: a → y/-J
a → Ø/-J
c + y → sh

INGEREKA

Ingereka ni akajambo kiyongera inyuma y'umzi w'inshinga kakanawongerera ingingo nshya. Iyo kiyunze n'uwo muzi bibyara igicumbi gishya bita "INTIMA". Hari ingereka:

a) Zifata umwanya w'imbere

- Inyabumwe: - am: ku/-ub-am-a (kubama)
- ik: ku/-ub-ik-a (kubika) u→Ø/-J
- uk: ku/-ub-uk-a (kubuka)
- ur: ku/-ub-ur-a (kubura)
- Ingereka nsubira: - ag-ur: gutemagura: ku/-tem-ag-ur-a k→g/GR
- ang: gukomanga: ku/-ko-ang-a k→g/GR
- ag-ag-ur: kuryagagura: ku/-ri-ag-ag-ur-a
- Ingereka ngirura: -guta: ku/-ta-a
- ur: Gutora: ku/-ta-ur-a: a + u→o
- uk-: kubenga: ku/-beng-a kubenguka: ku/-beng-uk-a
- Ingereka ndekacyuzuzo: Ni- ik- ikorana n'igicumbi cyihagije.

Urugero:

- gusomeka: ku/-som-ik-a: i→e/-co-
k→g/GR
- gukatika: ku/-kat-ik-a: k→g/GR

b) Zifata umwanya ubonetse wose

- Ngirana: -an: kugendana: ku/-gend-an-a
- Ngirira: -ir-: guhingira: ku/-hing-ir-a: k→g/GR

- Ngirisha: * -ish: guhingisha: ku/-hing-ish-a
- * -sh: kurisha: ku/-ri-sh-a
- * -y: mwoze: amasahani: mu/-og-y-e: g + y→z
- kwimya: ku/-im-y-a: u→w/-J
- Ngirirwa (ngirwa): * w-:● Kubakwa: ku/-ubak-w-a: u→∅/-J
- Byariwe: bi-a/-ri-w-ye: i→y/-J
- w-ye→y-w-e
- y→∅/-w
- * bw: ●Gukobwa: ku/-ko-bw-a: k→g/-GR
- kuribwa: ku/-ri-bw-a
- Imyitozo: Ariko karemajambo ka nyuma
- Imisozo ni -a: ndavuga: n-ra/-vug-a
- kugenda: ku/-gend-a
- aga: navugaga: n-a/-vug-aga
- e: tugende: tu/-gend-e
- ye: (mu gihe cyashize)
- * twakoze: tu-a/-kor-ye: u→w/-J; r + y→z
- *twaje: tu-a/-z-ye u→w/-J; z + y→j
- *yahinze: a-a/-hing-ye; a→y/-J; g + y→z

IBICUMBI

Ni byinshi mu kinyarwanda. Twabonye uko bashaka ibicumbi mu isomo ryo mu nzira zo gushaka ibicumbi.

Urugero: Twize: tu-a/-ig-ye: u→w/-J
a→Ø/-J
g + y→z

Icyitonderwa: Izina rikomoka ku nshinga rihuza umuzi n'inshinga mu mutima wayo

Urugero: •Kwambika: I gicumbi: ambik-
Umuzi: amb-
•Umwambaro: Igicumbi: ambar-
Umuzi: amb-
Umwambaro: u-mu/-ambar-ar-a

IBICUMBI BY'INSHINGA ZIRUHIJE

Ibyo bicumbi ni 16 gusa mu Kinyarwanda

- | | |
|-----------------------------|-------------------------------|
| 1. /-ci: guca = a/-ci-ye | 9. /-ha: guha = a/-ha-ye |
| 2. /- gi: kujya = a/-gi-ye | 10. /-ta: guta = a/-ta-ye |
| 3. /- hi: gushya = a/-hi-ye | 11. /-ko: gukwa = a/-ko-ye |
| 4. /- ri: kurya = a/-ri-ye | 12. /-mo: kumwa = a/-mo-ye |
| 5. /-ke: gucya = a/-ke-ye | 13. /-nyo: kunywa = a/-nyo-ye |
| 6. /-ni: a/-ne-ye | 14. /-gu: kugwa = a/-gu-ye |
| 7. /-se: gusya = a/-se-ye | 15. /-pfu: gupfa = a/-pfu-ye |
| 8. /-ba: kuba = a/-ba-ye | 16. /-vu: kuva = a/-vu-ye |

AMATEGEKO Y'IGENAMAJWI

r→d/n-: Ndamubonye: n-ra-mu/-bon-ye

n-da-mu/-bon-ye: r→d/n-

n-da-mu/-bonye: n + y→ny

Ndamubonye

a) i→e/co-: Yamubonekeye: a-a-mu/-bon-ik-ir-ye

y-a-mu/-bon-ik-ir-ye: a→y/-J

i→e/ce- y-a-mu/-bon-ek-ir-ye: i→e/co-

a→y/-J y-a-mu/-bon-ek-er-ye: i→e/ce-

r + y→y y-a-mu/-bon-ek-eye: r + y→y

Yamubonekeye

b) u→o/co-: Kudodora: ku/-dod-ur-a

ku/-dod-or-a: u→o/-co-

Kudodora

c) a→∅/-J: Uribona: u-ra-i/-bon-a

u-r-i/-bon-a: a→∅/-J

Uribona

d) u→w/-J: Twiyemeye: tu-a-iy/-emer-ye

tw-a-iy/-emer-ye: u→w/-J

tw-iy/-emer-ye: a→∅/-J

tw-iy/-emeye: r + y→y

twiyemeye

e) a + u → o: Gutora: ku/-ta-ur-a

gu/-ta-ur-a k → g/GR

gu/-tor-a: a + u → o

Gutora

f) t → d/-GR: Yadukoreye: a-a-tu/-kor-ir-ye

y-a—tu/-kor-ir-ye

y-a-du/-kor-ir-ye = t → d/-GR

y-a-du/-kor-er-ye: i → e/co-

y-a-du/-kor-eye: r + y → y

Yadukoreye

g) e → y/-J: nsye: n/-se-e

n/-sy-e: e → y/-J

nsye

h) o → w/-J: munywe: mu/-nyo-e

mu/-nyw-e: o → w/-J

i) u → Ø/-J: koga ku/-og-a

ku/-og-a: u → Ø/-J

Koga

j) Ingombajwi y'igicumbi ishobora guhinduka iyo ihuye n'umusozo -ye-cyangwa ingereka -y-

Ingero:

1. b + y → by: Babibye: ba/-bib-ye

2. c + y → C: Yahacoce: a-a-ha/-coc-ye

3. d + y→z: Yadoze: a-a/-dod-ye
 4. g + y→z: Yahinze: a-a/-hing-ye
 5. h + y→shy: Twahashye: tu-a/-hah-ye
 6. sh + y→sh: Yabihishe: a-a-bi/-hish-ye
 7. j + y→j: Yamushinje: a-a-mu/-shinj-ye
 8. k + y→ts: natetse: n-a/-tek-ye
 9. nk + y→ns: Yonse: a-a/-onk-ye
 10. m + y→my: Namuhimye: n-a-mu/-him-ye
 11. n + y→nny: Yakinnye: a-a/-kin-ye
 12. r + y→y: Naraye: n-a/-rar-ye
 13. r + y→z: Yarize: a-a/-rir-ye (Kurira)
 14. s + y→sh: Yashashe: a-a/-sas-ye
 15. t + y→s: Yaratese: a-a-ra/-tet-ye
 16. y + y→y: Namugaye: n-a-mu/-gay-ye
 17. ny + y→ny: Namutinye: n-a-mu/-tiny-ye
 18. shy + y→shy: Yabeshye: a-a/-beshy-ye
 19. z + y→j: Yaje: a-a/-z-ye
 20. t + y→sh: Yamufashe: a-a-mu/-fat-ye
- lcyitonderwa: w-ye→y-w-e: Cyaheswe: ki-a/-het-w-ye
 ky-a/-het-w-ye: i→y/-J
 cy-a/-het-w-ye:ky→cy (mu nyandiko)
 cy-a/-hes-w-e: t + y→s

Cyaheswe

- y→Ø/-w: Byatatswe:
 - bi-a/-ta-w-ye
 - by-a/-ta-w-ye: i→y/-j
 - by-a/-ta-y-w-e: w-ye→y-w-e
 - by-a/-ta-w-e: y→Ø/-w
- Byatawe**

IMYITOZO:

Garagaza intego n' amategeko y'igenamajwi by'amagambo aciyeho akarongo

1. Kamanzi yavuye i Nyanza bamwirukanye.
2. Abanyarwanda baretse guhora bateze amaboko.
3. Uzaze ejo nkugurire inzoga.
4. Yanze kuza mutamutumyeho.
5. Guhingisha byahozeho kuva na kera.

UBURYO

Uburyo ni ukuntu inshinga igaragariza mu ntego yayo imiterere y'ubwumvane iri hagati y'uvuga n'ubwirwa kimwe n'uko uvuga yitwara mu magambo ye. Uburyo buri ukubibi:

- Uburyo bushidikanya
- Uburyo budashidikanya

• Uburyo budashidikanya

Ni ubwumvikanisha ihame cyangwa igitekerezo kuko uvuga aba adashidikanya iyo avuga ihame cyangwa iyo atanga itegeko.

Ubwo buryo ni butatu

- Ikirango: urugero: Arahinga
- Integeko: urugero: Hinga
- Inkurikizo: urugero: Tukambara, tukajya mu ishuli.

• **Uburyo bushidikanya**

Ni ubwumvukanisha ikifuzo kuko icyifuzo kidahita gishyirwa mu bikorwa.

Ubwo buryo ni butatu

- **Inyifurizo:** urugero: Urakire
- **Ikigombero (ingwatorizo):** Nakwiga mbonye ishuri.
- **Inziganyo:** Uburyo bwumvikanisha igikorwa uvuga yifuza ko kirangira n’aho yikubise agashyi. Urugero: twige ikinyarwanda

IMBUNDO

Imbundo ni inshinga yumvikanisha igikorwa ariko bitazwi ugikora cyangwa ugikorerwa. Imbundo buri gihe itangirwa na KU cyangwa gu.

Urugero: gutema, kubaza, kurya, gukira, ...

Icyitonderwa: Iyo byageze mu itondaguranshinga (gushaka intego) ahari hari gu ihinduka ku bivuze ko indangasano y’inshinga buri gihe ari ku.

Urugero:

- Gutema = ku/-tem-a
- Gukina = ku/-kir-a
- Kuvoma = ku/-vom-a
- Kurya = ku/-ri-a
- Kugenda = ku/-gend-a
- Kubura = ku/-ub-ur-a

Imyitozo: Tanga ingero zawe bwite zitari izo wahawe mu ikaye zigaragaza

- a) Integeko
- b) Inkurikizo
- c) Inyifurizo
- d) Ikigombero
- e) Inziganyo
- f) Imbundo

IMVUGO IBONEYE N'IY'URUFEFEKO

Nk'uko twabibonye ko nta muntu uvuga adafite impamvu ibimuteye; ko hari ubutumwa aba ashaka gutanga; ibyo bituma ashaka amagambo ajyanye mu mivugire y'icyo ashaka kuvuga. Ibyo biterwa n'aho ari cyangwa n'uwo avugana na we. Ku bw'ibyo hari: imvugo iboneye n'imvugo y'urufefeko.

A) Imvugo iboneye

Imvugo iboneye ni imvugo niyo twita imvugo isukuye. Iyo mvugo ishyira mu magambo y'iyubashye, asukuye igitekerezo umuntu ashaka kugeza ku bandi.

- Urugero:** - Uwo bahamagaye yitaba “Karama
- Ubwiye umuntu kuza kurya aravuga ati “nimuze ku meza cyangwa nimuze mufungure”

B) Imvugo y'urufefeko

Abantu bo mu gatsiko kamwe (abanyeshuri, abasirikari, abagororwa, ...) bafite icyo bahuriyeho mu buzima bwabo bwa buri muni, bakunda kwihimbira imvugo biyumvikaniyeho ubwabo badashakako umuntu uturtse hanze hanze y'agatsiko yabumva.

- Urugero:** - Abanyeshuri bati” uriya mwarimu aracebeka. ” Bashaka kuvugako akopereka.
- Abandi bati “runaka baramutemye. ” Bashaka kuvuga ko bamwirukanye aho yigaga.
 - Abandi bati “ runaka bamuteye agashoka. ” Bashaka kuvugako bamuhaye uturyo duke

Imyitozo:

Nk'uko mukoze agatsiko kanyu nk'abanyeshuri: tanga ingero 5 z'imvugo y'urufefeko mukunda gukoresha cyangwa muhuriyeho muri ako gatsiko kanyu.

Niba ntazo muhuriyeho hano ku ishuri, hari n'utundi dutsiko ukunda kubamo. Tanga izo ngero uhereye ku gatsiko wumva wibonamo.

ibitabo n'inyandiko zindi zifashishijwe

Mutake, Th, (1991), ikindarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali:les éditions de la région de l'imprimerie scolaire

MINEPRISEC, (1985), amabwiriza n° 13. 2/03. 2/003 yo kuwa 2 Nyakanga 1985 yerekeye inyandiko yemewe y'ikinyarwanda

Mgr Aloys Bigirumwami, Imigani migufi, ibisakuzo, inshamarenga, Diocèse de Nyundo, 2ème édition 2004.

Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye, gusoma no gusesengura imyandiko II, igitabo cy'umunyeshuri, Werurwe 1988.

Bizimana, S. et alii, (1988), Dusobanukirwe n'amasaku, Butare, IRST.

Minisiteri y'ubutaka, ibidukikije, amashyamba, amazi na mine, Gucunga neza umutungo kamere no kurengera ibidukikije, 2ème édition, 2006

Edition Bakame, 2010, Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye, Kigali, Edition Bakame

Minisiteri y'amashuri abanza n'ayisumbuye, Ikinyarwanda, umwaka wa Munani, igitabo cy'umunyeshuri, Gashyantare, 1988.

Uwateguye iki gitabo